

***Ibirimo/Summary/Sommaire***

***page/urup***

**A. Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora**

**N° 03/2013 yo kuwa 23/07/2013**

Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora agenga Amatora y'Abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite, Nzeri 2013.....ii

**B. Imateka ya Minisitiri w'Intebe / Prime Minister's Orders/ Arrêtés du Premier Ministre**

**N° 170/03 ryo kuwa 31/07/2013**

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rivana ikibanza mu mutungo rusange wa Leta.....61

**N° 170/03 of 31/07/2013**

Prime Minister's Order transferring a plot from the state's public property.....61

**N° 170/03 du 31/07/2013**

Arrêté du Premier Ministre portant désaffectation d'une parcelle du domaine public de l'Etat.....61

**N° 171/03 ryo kuwa 31/07/2013**

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rivana mu mutungo rusange wa Leta ubutaka n'umutungo utimukanwa.....65

**N° 171/03 of 31/07/2013**

Prime Minister Order transferring land and immovable assets from the state's public property...65

**N° 171/03 du 31/07/2013**

Arrêté du Premier Ministre portant désaffectation du domaine public de l'Etat les parcelles et les biens immeubles.....65



**REPUBLIQUE Y'U RWANDA**



**KOMISIYO Y'IGHUGU Y'AMATORA**

B.P. 6449 KIGALI

Tél. 0252 597800/0252 597801/0252 597802

Fax : 0252 597851

E-mail : [comelena@rwanda1.com](mailto:comelena@rwanda1.com)

Website : [www.nec.gov.rw](http://www.nec.gov.rw)

---

**AMABWIRIZA YA KOMISIYO Y'IGHUGU Y'AMATORA  
N°03/2013 YO KUWA 23/07/2013**

**AGENGA AMATORA**

**Y'ABAGIZE INTEKO ISHINGA AMATEGEKO  
UMUTWE W'ABADEPITE**

**NZERI 2013**

## **ISOBANURAMPAMVU**

Hashingiwe ku Ngingo y' I80 y' Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, Komisiyo y'Ighugu y'Amatora ni Komisiyo yigenga ishinzwe gutegura no kuyobora amatora y'abayobozi b'inzezo z'ibanze, ay'Abagize Inteko Ishinga Amategeko, aya Perezida wa Repubulika, aya Referendumu n'ay'abandi yagenwa n'itegeko.

Hashingiwe kandi ku ngingo ya 204 y'Itegeko n° 27/2010 ryo ku wa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, Komisiyo y'Ighugu y'Amatora itanga, igihe bibaye ngombwa kandi hakurikijwe iri tegeko, amabwiriza akenewe kugira ngo igikorwa cy'itora kigende neza.

Mu rwego rwo kubahiriza izo nshingano zayo, Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yateguye amabwiriza agenga amatora y'Abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite, ateganyijwe muri Nzeri 2013 hagamijwe kugira ngo ayo matora azakorwe mu mucyo no bwisanzure.

Aya mabwiriza agena imigendekere y'amatora haba mu Gihugu no hanze yacyo.

Aya mabwiriza akubiyemo Imitwe ikurikira:

### ***Umutwe wa mbere: Ingingo rusange***

### ***Umutwe wa II: Kwiyandikisha ku ilisiti y'itora***

### ***Umutwe wa III: Abashinzwe gutoresha***

- Icyiciro cya mbere : Abemerewe kuba Abakorerabushake;
- Icyiciro cya 2 : Inshingano z'abakorerabushake b'amatora;
- Icyiciro cya 3 : Imyitwarire y'abakorerabushake b'amatora

### ***Umutwe wa IV: Inshingano n'Imyitwarire y'abagira uruhare mu bikorwa by'amatora***

- Icyiciro cya mbere : Abanyamakuru
- Icyiciro cya 2: Inzego zishinzwe umutekano
- Icyiciro cya 3: Indorerezi z'amatora;
- Icyiciro cya 4: Abahagararira abakandida

### ***Umutwe wa V: Gutanga kandidatire.***

- Icyiciro cya mbere: Ingingo rusange
- Icyiciro cya 2: Gutanga kandidatire mu itora ry'Abadepite batorwa mu buryo butaziguye
- Icyiciro cya 3: Gutanga kandidatire mu itora ry'Abadepite batorwa mu buryo buziguye

### ***Umutwe wa VI: Kwiyamamaza***

### ***Umutwe wa VII: Itora nyirizina***

- Icyiciro cya mbere: Ingingo rusange;
- Icyiciro cya 2: Itora ry'Abadepite batorwa mu buryo butaziguye;
- Icyiciro cya 3: Itora ry'Abadepite batorwa mu buryo buziguye;
- Icyiciro cya 4: Gusoza itora.

***Umutwe waVIII:Kubarura amajwi***

***Umutwe wa IX: Imigendekere y'igikorwa cy'amatora ku Banyarwanda baba mu mahanga***

***Umutwe wa X: Ingingo zinyuranye n'izisoza***

***Umutwe wa XI: Imigereka ku Mabwiriza n° 03/2013 ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yo  
ku 23/07/2003 yerekeye amatora y'Abagize Inteko Ishinga Amategeko,  
Umutwe w'Abadepite***

**AMASHAKIRO**

<b>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE .....</b>	<b>1</b>
Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije .....	1
Ingingo ya 2: Umuntu ufile uburenganzira bwo gutora .....	1
Ingingo ya 3: Abamburwa mu buryo budahoraho uburenganzira bwo gutorwa .....	2
<b>UMUTWE WA II: KWIYANDIKISHA KU ILISITI Y'ITORA .....</b>	<b>2</b>
Ingingo 4 : Uburyo bwo kwiyandikisha ku ilisiti y'itora.....	2
Ingingo ya 5: Imiterere y'ilisti y'itora .....	2
Ingingo 6: Abemerewe kwiyandikisha ku ilisiti y'itora.....	2
Ingingo ya 7: Abantu batemerewe kwiyandikisha ku ilisiti y'itora .....	2
Ingingo ya 8 : Igihe cyo gutangaza ilisiti y'itora y'agateganyo n'ilisiti ntakuka.....	4
<b>UMUTWE WA III: ABASHINZWE GUTORESHA KU BIRO BY'ITORA.....</b>	<b>4</b>
<i>ICYICIRO CYA MBERE: ABEMEREWE N'ABATEMEREWE KUBA ABAKORERABUSHAKE B'AMATORA.....</i>	<i>4</i>
Ingingo ya 9: Ibyiciro by'abakorerabushake b'amatora.....	4
Ingingo 10: Ibisobanuro by'ijambo "umukorerabushake" w'amatora .....	4
Ingingo ya 11: Ibisabwa kugirango umuntu agirwe umukorerabushake w'amatora .....	4
Ingingo ya 12: Abatemerewe kuba abakorerabushake b'amatora.....	5
Ingingo ya 13: Komite itoresha .....	5
Ingingo ya 14: Isimburwa ry'abashinzwe gutoresha ku biro by'itora .....	5
<i>ICYICIRO CYA 2: INSHINGANO Z'ABAKORERABUSHAKE B'AMATORA .....</i>	<i>5</i>
Ingingo ya 15: Inshingano za Perezida w'ibiro by'itora: .....	5
Ingingo ya 16: Inshingano z'umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora: .....	6
Ingingo ya 17: Inshingano rusange z'Abaseseri mu byumba by'itora.....	6
Ingingo ya 18: Inshingano zihariye za buri museseri .....	6
<i>ICYICIRO CYA 3: IMYITWARIRE Y'ABAKORERABUSHAKE B'AMATORA .....</i>	<i>7</i>
Ingingo ya 19: Amahame remezo agenga imyitwarire y'Abakorerabushake b'amatora .....	7
Ingingo ya 20: Imyitwarire y'abayobora ku biro no mu byumba by'itora .....	7
<b>UMUTWE WA IV: INSHINGANO N'IMYITWARIRE Y'ABAGIRA URUHARE MU BIKORWA BY'AMATORA .....</b>	<b>7</b>
<i>ICYICIRO CYA MBERE: ABANYAMAKURU.....</i>	<i>7</i>
Ingingo ya 21 : Ibisobanuro by'ijambo "umunyamakuru" w'umwuga .....	7
Ingingo ya 22: Uburenganzira bwo gukurikirana ibikorwa by'amatora.....	8
Ingingo ya 23 : Imyitwarire igomba kuranga abanyamakuru mu bihe by'amatora.....	8

<i>ICYICIRO CYA 2: INZEGO ZISHINZWE UMUTEKENO.....</i>	8
Ingingo ya 24 : Abagize inzego zishinzwe umutekano mu bihe by'amatora. ....	8
Ingingo ya 25 : Inshingano z'abashinzwe umutekano by'umwihariko mu bihe by'amatora.....	8
Ingingo ya 26: Ibyo abashinzwe umutekano babujijwe mu bihe by'amatora .....	9
<i>ICYICIRO CYA 3 : INDOREREZI Z'AMATORA .....</i>	9
Ingingo ya 27: Ibisobanuro by'ijambo " indorerezi "z'amatora. ....	9
Ingingo ya 28: Amahame shingiro Indorerezi zigomba kubahiriza .....	9
Ingingo ya 29: Uburyo bwo kwemerera kuba Indorerezi .....	9
Ingingo ya 30: Ibigomba kubahirizwa n'abasaba kuba indorerezi.....	10
Ingingo ya 31: Ibindi bisabwa indorerezi .....	10
Ingingo ya 32: Aho indorerezi zishobora guturuka .....	10
Ingingo ya 33: Aho indorerezi z'abenegihugu zishobora guturuka .....	10
Ingingo ya 34: Aho indorerezi mvamahanga zishobora guturuka .....	10
Ingingo ya 35: Ibyangombwa bisabwa Indorerezi iturutse mu mahanga by'umwihariko.....	11
Ingingo ya 36: Igihe indorerezi zitangirira imirimo yazo .....	11
Ingingo ya 37: Uburenganzira bw'indorerezi z'amatora.....	11
Ingingo ya 38: Inshingano z'indorerezi .....	11
Ingingo ya 39: Ibyangombwa bihabwa indorerezi yahawe uburenganzira bwo .....	11
gukurikirana amatora.....	11
Ingingo ya 40: Gutakaza uburenganzira bwo kuba Indorerezi.....	12
Ingingo ya 41: Ingingo Indorerezi zishingiraho mu gutanga raporo .....	12
<i>ICYICIRO CYA 4: ABAHAGARARIYE ABAKANDIDA .....</i>	12
Ingingo ya 42 : Uhagarariye umukandida .....	12
Ingingo ya 43: Aho abahagarariye abakandida bemerewe gukurikirana ibikorwa by'amatora .....	12
Ingingo ya 44: Igihe abakandida bashyikiririza Komisiyo y'Ighugu y'Amatora ilisiti y'ababahagararira mu biro by'itora cyangwa mu byumba by'itora n'icyemezo bahabwa. ....	12
Ingingo ya 45: Ibisabwa uhagarariye umukandida cyangwa Umutwe wa Politiki.....	13
Ingingo ya 46: Ibikorwa abahagarariye abakandida bemerewe.....	13
Inigo ya 47: Ibibujijwe abahagarariye abakandida.....	13
<b>UMUTWE WA V: GUTANGA KANDIDATIRE.....</b>	<b>14</b>
<i>ICYICIRO CYA MBERE: INGINGO RUSANGE .....</i>	14
Ingingo ya 48: Igihe kwakira kandidatire bitangirira n'igihe birangirira .....	14
Ingingo ya 49: Ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe kuba umukandida depite. ....	14

Ingingo ya 50: Inyuguti cyangwa ibimenyetso bikoreshwa n'Imitwe ya Politiki, Amashyirahamwe y'Imitwe ya Politiki n'Abakandida bigenga.....	14
Ingingo ya 51: Ibibujije mu itangwa rya kandidatire.....	15
Ingingo ya 52: Uburyo Komisiyo y'Igihugu y'Amatora itangaza kandidatire ntakuka .....	15
<b>ICYICIRO CYA 2: GUTANGA KANDIDATIRE MU ITORA RY'ABADEPITE BATORWA MU BURYO BUTAZIGUYE.....</b>	<b>15</b>
Ingingo ya 53: Umubare w'abakandida batangwa n'Imitwe ya Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki.....	15
Ingingo ya 54: Urwego rushyikirizwa kandidatire n'icyemezo gihabwa utanze kandidatire.....	15
Ingingo ya 55: Ibigomba kugaragara muri dosiye z'abakandida b'Imitwe ya Politiki .....	15
Ingingo ya 56: Ibisabwa umukandida wigenga .....	16
Ingingo ya 57: Ibigomba kugaragara ku rutonde rw'abantu basinyira umukandida wigenga .....	16
<b>ICYICIRO CYA 3: GUTANGA KANDIDATIRE MU ITORA RY'ABADEPITE BATORWA MU BURYO BUZIGUYE .....</b>	<b>17</b>
Ingingo ya 58: Urwego rushyikirizwa kandidatire n'icyemezo gihabwa utanze kandidatire.....	17
Ingingo ya 59: Ibisabwa abatanga kandidatire mu myanya yagenewe Abadepite batorwa mu buryo buziguye.....	17
Ingingo ya 60: Itangwa rya kandidatire ku myanya yagenewe Abadepite b'abagore .....	18
Ingingo ya 61: Itangwa rya kandidatire ku myanya yagenewe abadepite b'Urubyiruko. ....	18
Ingingo ya 62: Itangwa rya kandidatire ku mwanya wagonewe umudepite ufile ubumuga .....	18
Ingingo ya 63: Ibimenyetso bikoreshwa n'abakandida.....	18
Ingingo ya 64: Igih kigenerwa umukandida mbere yo gutangaza lisiti ntakuka ngo asubire muri dosiye ye iyo ituzuye .....	18
Ingingo ya 65: Ilisiti ntakuka y'abakandida .....	18
<b>UMUTWE WA VI: KWIYAMAMAZA.....</b>	<b>19</b>
Ingingo ya 66: Ifasi yo kwiyamarizamo .....	19
Ingingo ya 67: Ibisobanuro b'ijambo“ kwiyamamaza“ n'igihe cyo kwiyamamaza .....	19
Ingingo ya 68: Uburyo bwemewe gukoreshwa mu gihe cyo kwiyamamaza .....	19
Ingingo ya 69: Uburyo umukandida wifusa kwiyamamaza mu binyamakuru bya Leta asaba uruhusa .....	20
Ingingo ya 70: Aho Abakandida bemerewe kumanika amafoto n'inyandiko zibamamaza. ....	20
Ingingo ya 71: Imenyekanisha ry'ahakorerwa igikorwa cyo kwiyamamaza. ....	20
Ingingo ya 72: Uburyo bwo gukemura impaka iyo habayeho kugongana kw'ibikorwa byo kwiyamamaza.....	20
Ingingo ya 73: Icyemezo gihabwa uwamamaza umukandida.....	21

Ingingo ya 74: Ibibujijwe mu gihe cyo kwiyamamaza cyangwa kwamamaza umukandida.....	21
Ingingo ya 75: Ibibujijwe mu biganiro-mpaka no mu nama zinyuranye.....	21
Ingingo ya 76: Kumanika ibyamamaza abakandida kuri Ambasade .....	21
Ingingo ya 77: Igihe kigenerwa abiyamamaza ku myanya y'Abadepite batorwa mu buryo buziguye .....	21
Ingingo ya 78: Gahunda yo kwiyamamaza kw'Abakandida Depite b'Abagore.....	21
Ingingo ya 79: Gahunda yo kwiyamamaza kw'Abakandida b'Urubyiruko.....	22
Ingingo ya 80: Gahunda yo kwiyamamaza kw'Abakandida bafite ubumuga .....	22
Ingingo ya 81: Ibyemezo bifatirwa utubahiriza amategeko n'amabwiriza mu gikorwa cyo kwiyamamaza.....	22
Ingingo ya 82: Ibyerekeye gukemura ibibazo bivuka mu kwiyamamaza.....	23
<i>UMUTWE WA VII: IBIREBANA N'ITORA NYIRIZINA .....</i>	23
<i>ICYICIRO CYA MBERE: INGINGO RUSANGE .....</i>	23
Ingingo ya 83: Ahatorerwa.....	23
Ingingo ya 84: Kugena umubare w'ibiro n'ibumba by'itora.....	23
Ingingo ya 85: Imyiteguro y'ahagenwe gutorerwa .....	23
Ingingo ya 86: Isaha abayobora amatora bagerera ku biro by'itora.....	24
Ingingo ya 87: Ibikorwa by'ingenzi mbere yo gutangira gutora. ....	24
Ingingo ya 88: Ibikoresho bikenerwa mu cyumba cy'itora .....	24
Ingingo ya 89: Igihe n'umuhango byo gutangira itora.....	24
Ingingo ya 90: Ibisobanuro by'uko itora rikorwa .....	25
Ingingo ya 91: Kuzuza inyandikomvugo itangiza itora .....	25
Ingingo ya 92: Ibyangombwa uje gutora yitwaza .....	25
Ingingo ya 93: Abemerewe gutorera aho batanditse kubera imirimbo bakora .....	25
Ingingo ya 94: Aho Abanyeshuri bari mu bigo by'amashuri batorera .....	26
Ingingo ya 95: Umubare w'abatorera mu cyumba cy'itora .....	26
Ingingo ya 96: Aboroherezwa gutora mbere y'abandi .....	26
Ingingo ya 97: Abemerewe kwifashisha ababatorera.....	26
Ingingo ya 98: Abemerewe kwinjira mu cyumba cy'itora.....	26
<i>ICYICIRO CYA 2: IBYEREKEYE ITORA RY'ABADEPITE BATORWA MU BURYO BUTAZIGUYE.....</i>	27
Ingingo ya 99: Abadepite batorwa ku buryo butaziguye.....	27
Ingingo ya 100: Uburyo bwo gutondekanya Imitwe ya Politiki, Amashyirahamwe y'Imitwe ya Politiki n'Abakandida bigenga ku rupapuro rw'itora.....	27

Ingingo ya 101: Imiterere y' urupapuro rw'itora ritaziguye .....	27
Ingingo ya 102: Uburyo bwo kuzinga urupapuro rw'itora.....	27
Ingingo ya 103: Uburyo bwo gutora .....	27
<i>ICYICIRO CYA 3: ITORA RY'ABADEPITE BATORWA MU BURYO BUZIGUYE</i> .....	28
Ingingo ya 104: Abadepite batorwa ku buryo buziguye .....	28
Ingingo ya 105: Igihe itora riziguye ritangirira n'igihe risorezwa.....	28
Ingingo ya 106: Imiterere y'urupapuro rw'itora mu matora y'abadepite batorwa mu buryo buziguye .....	28
Akiciro ka mbere: Itora ry'Abadepite makumyabiri na bane (24) b'Abagore .....	28
Ingingo ya 107: Inteko itora Abadepite b'Abagore.....	28
Ingingo ya 108: Aho amatora y'Abadepite b' Abagore abera.....	29
Ingingo ya 109: Aho Abagize inteko itora batorera. ....	29
Ingingo ya 110: Uburyo bwo gutora Abadepite b'Abagore .....	29
Akiciro ka 2: Itora ry'Abadepite babiri (2) b'Urubyiruko .....	29
Ingingo ya 111: Inteko itora abadepite b' Urubyiruko n'aho amatora azabera. ....	29
Ingingo ya 112: Uburyo bwo gutora Abadepite b' Urubyiruko.....	29
Akiciro ka 3: Itora ry'Umudepite ufite ubumuga .....	30
Ingingo ya 113: Inteko itora Umudepite ufite ubumuga n'aho itora rizabera.....	30
Ingingo ya 114: Uburyo bwo gutora Umudepite ufite ubumuga.....	30
<i>ICYICIRO CYA 4: GUSOZA ITORA</i> .....	30
Ingingo ya 115: Integuza yo gusoza itora .....	30
Ingingo ya 116: Isaha yo gusoza itora .....	30
Ingingo ya 117: Gusubika itora cyangwa kongera igihe cyo gutora.....	30
Ingingo ya 118: Ibikorwa nyuma yo gusoza itora.....	30
<b>UMUTWE WA VIII: KUBARURA AMAJWI .....</b>	<b>31</b>
Ingingo ya 119: Gutangira kubarura amajwi.....	31
Ingingo ya 120: Aho ibarura ry'amajwi rikorerwa n'abarishinzwe .....	31
Ingingo ya 121: Uko ibikorwa by'ibarura ry'amajwi bikurikirana .....	31
Ingingo ya 122: Impfabusa.....	32
Ingingo ya 123: Ikimenyetso cy'itora cyashyizwe mu mwanya w'izina ry'umukandida .....	32
Ingingo ya 124: Isubikwa ry'ibarura ry'amajwi .....	33
Ingingo ya 125: Kumenyekanisha ibyavuye mu ibarura ry'amajwi mu cyumba cy'itora.....	33
Ingingo ya 126: Ihuzwa ry'ibyavuye mu matora .....	33
Ingingo ya 127: Ihuzwa ry'ibyavuye mu matora ku biro by'itora .....	33

Ingingo ya 128: Ihuzwa ry'ibyavuye mu matora ku rwego rw'Akarere no ku rwego rw'Igihugu ...	34
Ingingo ya 129: Ihuzwa ry'ibyavuye mu itora ry'Abadepite b'abagore .....	34
Ingingo ya 130: Ihuzwa ry'ibyavuye mu matora y'Abadepite babiri (2) b'Urubyiruko .....	35
Ingingo ya 131: Ihuzwa ry'ibyavuye mu itora ry'Umudepite ufite ubumuga .....	35
Ingingo ya 132: Ahamanikwa inyandiko zahurijweho ibyavuye mu matora. ....	36
Ingingo ya 133: Gushyingura impapuro z'itora.....	36
Ingingo ya 134: Isaranganywa ry'imyanya ku badepite batorwa mu buryo buziguye .....	36
Ingingo ya 135: Uburyo tombola ikorwa.....	36
Ingingo ya 136: Gutangaza ibyavuye mu matora n'igihe bikorerwa .....	36
<b>UMUTWE WA IX: IMIGENDEKERE Y'IGIKORWA CY'AMATORA KU BANYARWANDA BARI MU MAHANGA .....</b>	<b>36</b>
Ingingo ya 137: Aho amatora abera.....	36
Ingingo ya 138: Umunsi w'itora muri Ambassade .....	37
Ingingo ya 139: Igihe itora ritangirira n'igihe rirangirira .....	37
Ingingo ya 140: Abemerewe gutora muri Ambassade.....	37
Ingingo ya 141: Abayobora amatora.....	37
Ingingo ya 142: Umuhuzabikorwa w'amatora muri Ambasade .....	37
Ingingo ya 143 : Ibarura n'ihuzwa ry'ibyavuye mu matora muri Ambasade .....	37
Ingingo ya 144: Kubika ibikoresho by'itora.....	37
<b>UMUTWE WA X: ININGO ZINYURANYE N'IZISOZA .....</b>	<b>37</b>
Ingingo ya 145: Inzego zikurikirana uwanyuranyije n'amategeko.....	37
Ingingo ya 146: Amabwiriza y'inyongera .....	38
Ingingo ya 147: Iyubahirizwa ry'aya mabwiriza .....	38
Ingingo ya 148: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya mabwiriza .....	38
Ingingo ya 149: Ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza .....	38
<b>UMUGEREKA WA MBERE : INDAHIRO Y'ABAYOBORA AMATORA .....</b>	<b>40</b>
<b>UMUGEREKA WA II : INYANDIKOMVUGO ITANGIZA ITORA MU CYUMBA CY'ITORA .....</b>	<b>41</b>
<b>UMUGEREKA WA III: ABANTU BABYEMEREWE BATOREYE AHO BATANDITSE....</b>	<b>42</b>
<b>UMUGEREKA WA IV : INYANDIKOMVUGO ISUBIKA ITORA CYANGWA YONGERA IGIHE CYO GUTORA.....</b>	<b>43</b>
<b>UMUGEREKA WA V : INYANDIKOMVUGO ISOZA ITORA .....</b>	<b>44</b>
<b>UMUGEREKA WA VI: INYANDIKOMVUGO ISUBIKA IBARURA RY'AMAJWI MU CYUMBA CY'ITORA CYANGWA MU BIRO BY'ITORA .....</b>	<b>45</b>
<b>UMUGEREKA WA VII: INYANDIKOMVUGO Y'IBARURA RY'AMAJWI MU CYUMBA CY'ITORA .....</b>	<b>46</b>

UMUGEREKA WA VIII:INYANDIKOMVUGO Y'IHUZWA RY'AMAJWI KU BIRO BY'ITORA .....	48
UMUGEREKA WA IX: INYANDIKOMVUGO Y'IHUZWA RY'AMAJWI KU KARERE ...	50
UMUGEREKA WA X: INYANDIKOMVUGO Y'IHUZWA RY'AMAJWI KU RWEGO RW'IGIHUGU.....	52
UMUGEREKA WA XI: INYANDIKOMVUGO KU BANYURANIJE N'AMATEGEKO, N'AMABWIRIZA AJYANYE N'AMATORA .....	54
UMUGEREKA WA XII: ICYEMEZo GITANGA UBUBASHA BWO GUHAGARARIRA UMUTWE WA POLITIKI/ISHYIRAHAMWE RY'IMITWE YA POLITIKI/UMUKANDIDA WIGENGA KU CYUMBA CY'ITORA CYANGWA KU BIRO BY'ITORA.....	55
UMUGEREKA WA XIII: ICYEMEZo GIHABWA UWEMEREWE NA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA GUHAGARARIRA UMUTWE WA POLITIKI/ ISHYIRAHAMWE RY'IMITWE YA POLITIKI/ UMUKANDIDA WIGENGA KU CYUMBA CY'ITORA CYANGWA KU BIRO BY'ITORA .....	56
UMUGEREKA WA XIV: IMITERERE Y'URUPAPURO RW'ITORA MU MATORA Y'ABADEPITE BATORWA MU BURYO BUTAZIGUYE.....	57
UMUGEREKA WA XV: IMITERERE Y'URUPAPURO RW'ITORA MU MATORA Y'ABADEPITE BATORWA MU BURYO BUZIGUYE (IMYANYA YAGENEWE ABAGORE, URUBYIRUKO N'ABANTU BAFITE UBUMUGA).....	58
UMUGEREKA WA XVI: GAHUNDA Y'AMATORA Y'ABADEPITE 2013 .....	59
UMUGEREKA WA XVII: IMITERERE Y'IKARITAY'ITORA .....	60

**AMABWIRIZA N° 03/2013 YO KU WA 23/07/2013 YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA  
YEREKEYE ITORA RY'ABAGIZE INTEKO ISHINGA AMATEGEKO, UMUTWE  
W'ABADEPITE**

**Inama y'Abakomiseri;**

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 180 ;

Ishingiye ku Itegeko n°31/2005 ryo ku wa 24/12/2005 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora nk'uko ryavuguruwe kandi ryujujwe kugeza ubu cyane cyane mu ngingo zaryo iya 3 n'iya 5;

Ishingiye ku Itegeko n°27/2010 ryo ku wa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 204;

Imaze kubona ko kugira ngo amatora akorwe mu mucyo no mu bwisanzure agomba kuba ateguwe neza, agakorwa mu buryo butunganiye buri Munyarwanda;

Imaze kubisuzuma no kubyemeza mu nama yayo yo ku wa 23/07/2013;

**Itanze amabwiriza akurikira :**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije**

Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko, aya mabwiriza agenga amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite, ateganyijwe muri Nzeri 2013.

**Ingingo ya 2: Umuntu ufite uburenganzira bwo gutora**

Gutora ni uburenganzira n'inshingano bya buri Munyarwanda wujuje ibyangombwa bisabwa n'itegeko rigenga amatora n'amabwiriza ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

Buri Munyarwanda ubarurirwa imbere mu Gihugu cyangwa muri Ambasade y'u Rwanda yemererwa gutora iyo yujuje ibi bikurikira:

1. Kuba yujuje nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko ;
2. Kuba yariyandikishije ku ilisiti y'itora ;
3. Kuba atarambuwe n'inkiko zibifitiye ububasha uburenganzira mbonezamubano n'ubwa Politiki kandi atazitiwe n'imwe mu nzitizi ziteganywa mu ngingo ya karindwi (7) y'aya mabwiriza.

### **Ingingo ya 3: Abamburwa mu buryo budahoraho uburenganzira bwo gutorwa no gutorwa**

Abantu bakurikira bamburwa mu buryo budahoraho uburenganzira bwo gutorwa no gutorwa:

- 1° ufunzwe by'agateganyo mu buryo buteganywa n'amategeko y'imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha;
- 2° ufunzwe mu rwego rw'irangizagihano;
- 3° umuntu ufite cyangwa ugaragaje uburwayi bwo mu mutwe cyangwa undi muntu uhungabanya umudendezo w'abaturage n'ahatorerwa. Iki gikorwa gikorerwa inyandikomvugo.

### **UMUTWE WA II: KWIYANDIKISHA KU ILISITI Y'ITORA**

#### **Ingingo 4 : Uburyo bwo kwiyandikisha ku ilisiti y'itora**

Muri buri Mudugudu no muri Ambasade y'u Rwanda haba hari ilisiti y'itora.

Ntawemerewe kwiyandikisha ku ilisiti y'itora irenze imwe.

Uburyo bwo kwiyandikisha ku ilisiti y'itora bugenwa n'amabwiriza ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

#### **Ingingo ya 5: Imiterere y'ilisti y'itora**

Imiterere y'ilisti y'itora ni inyandiko ikubiyemo amazina y'abantu bemerewe gutora igaragaza ibi bikurikira:

1. Ifoto y'uwemerewe gutora;
2. Nomero y'ikarita y'itora ye;
3. Amazina ye yose;
4. Umwaka we w'amavuko;
5. Nomero y'ikarita ndangamuntu;
6. Ahanditse yatoye havivurwa umunsi w'itora.

#### **Ingingo 6: Abemerewe kwiyandikisha ku ilisiti y'itora**

Abemerewe kwiyandikisha ku ilisiti y'itora y'Umudugudu, cyangwa iy'Ambasade ni Abanyarwanda bose bafite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko cyangwa baba bayujuje ku munsi w'itora, batuye cyangwa bacumbitse muri uwo mudugudu cyangwa mu Bihugu biri mu ifasi y'iyo Ambasade.

#### **Ingingo ya 7: Abantu batemerewe kwiyandikisha ku ilisiti y'itora**

Ummuntu utemerewe kwiyandikisha ku ilisiti y'itora ni :

- 1 ° uwambuwe n'Inkiko zibifitiye ububasha uburenganzira bwo gutora akaba ataranagurwaho ubwo busembwa cyangwa ngo ahabwe imbabazi zemewe n'amategeko;
- 2 ° uwakatiwe burundi kubera icyaha cy'ubwicanyi cyangwa ubuhotozi;
- 3 ° uwakatiwe burundi kubera icyaha cya jenoside yakorewe Abatutsi cyangwa ibyaha byibasiye inyokomuntu uri muri kimwe mu byiciro bikurikira;

- a. uwakoze ibyaha cyangwa ibikorwa by'ubufatanyacyaha bimushyira mu bacuze umugambi, abawuteguye, abawushishikarije abandi, abagenzuye n'abayoboye jenoside cyangwa ibindi byaha byibasiye inyokomuntu hamwe n'ibyitso bye;
  - b. uwari icyo gihe mu nzego z'ubuyobozi: mu rwego rw'Igihugu, urwa Perefegitura, urwa Superefegitura n'urwa Komini, mu mashyaka ya politiki, mu Gisirikare, muri Jandarumori, Polisi ya Komini, mu madini cyangwa mu mitwe yitwara gisirikari ku buryo butemewe n'amategeko, akaba yarakoze ibyo byaha cyangwa akoshyia abandi kubikora hamwe n'ibyitso bye;
  - c. umwicanyi ruharwa wamamaye aho yari ari cyangwa aho yanyuze kubera umwete yagize mu bwicanyi cyangwa ubugome bukabije yabukoranye hamwe n'ibyitso bye;
  - d. uwakoreye abandi ibikorwa by'iyicarubozo, kabone n'iyo byaba bitarabaviriyemo gupfa hamwe n'ibyitso bye;
  - e. uwasambanyije undi ku gahato cyangwa wangije imyanya ndangabitsina hamwe n'ibyitso bye;
  - f. uwakoze ibikorwa by'ubushinyaguzi ku murambo hamwe n'ibyitso bye;
  - g. uwakoze ibyaha cyangwa ibikorwa by'ubufatanyacyaha bimushyira mu mubare w'abishe cyangwa wagiriye abandi nabi bikabaviramo gupfa hamwe n'ibyitso bye;
  - h. uwakomerekeje cyangwa wagiriye abandi nabi agambiriye kubica ariko umugambi we ntawugereho hamwe n'ibyitso bye;
  - i. uwakoze cyangwa wafashije gukora ibindi byaha byakorewe abantu, atagambiriye kubica hamwe n'ibyitso bye.
- 4 ° uwireze akiyemerera icyaha cya jenoside yakorewe Abatutsi cyangwa ibyaha byibasiye inyokomuntu uri muri kimwe mu byiciro bikurikira:
- a. uwakoze ibyaha cyangwa ibikorwa by'ubufatanyacyaha bimushyira mu bacuze umugambi, abawuteguye, abawushishikarije abandi, abagenzuye n'abayoboye jenoside cyangwa ibindi byaha byibasiye inyokomuntu hamwe n'ibyitso bye;
  - b. uwari icyo gihe mu nzego z'ubuyobozi: mu rwego rw'Igihugu, urwa Perefegitura, urwa Superefegitura n'urwa Komini, mu mashyaka ya politiki, mu Gisirikare, muri Jandarumori, Polisi ya Komini, mu madini cyangwa mu mitwe yitwara gisirikari ku buryo butemewe n'amategeko, akaba yarakoze ibyo byaha cyangwa akoshyia abandi kubikora hamwe n'ibyitso bye;
  - c. umwicanyi ruharwa wamamaye aho yari ari cyangwa aho yanyuze kubera umwete yagize mu bwicanyi cyangwa ubugome bukabije yabukoranye hamwe n'ibyitso bye;
  - d. uwakoreye abandi ibikorwa by'iyicarubozo, kabone n'iyo byaba bitarabaviriyemo gupfa hamwe n'ibyitso bye;
  - e. uwasambanyije undi ku gahato cyangwa wangije imyanya ndangabitsina hamwe n'ibyitso bye;
  - f. uwakoze ibikorwa by'ubushinyaguzi ku murambo hamwe n'ibyitso bye;
- 5 ° uwahamwe n'icyaha cyo gusambanya abana;

6° uwahamwe n'icyaha cyo gusambanya ku gahato;

7° umuntu ufunze;

8° impunzi.

#### **Ingingo ya 8 : Igihe cyo gutangaza ilisiti y'itora y'agateganyo n'ilisiti ntakuka**

Ilisiti y'itora y'agateganyo itangazwa mu minsi itari munsi ya mirongo itatu (30) mbere y'umunsi w'itora.

Amakosa yagaragaye nyuma y'itangazwa ry'agateganyo, akosorwa n'ishami rya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora ku rwego rw'Akarere binyujijwe ku mukozi wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora ubishinzwe ku rwego rw'Akagari, hubahirizwa amabwiriza ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

Ilisiti ntakuka itangazwa iminsi itari munsi ya cumi n'itanu (15) mbere y'umunsi w'itora hakurikijwe amabwiriza ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

#### **UMUTWE WA III: ABASHINZWE GUTORESHA KU BIRO BY'ITORA**

#### **ICYICIRO CYA MBERE: ABEMEREWE N'ABATEMEREWE KUBA ABAKORERABUSHAKE B'AMATORA**

#### **Ingingo ya 9: Ibyiciro by'abakorerabushake b'amatora**

Amatora ategurwa kandi akayoborwa n'Abakomiseri ba Komisiyo y'Ighugu y'Amatora, Abakozi b'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora, Abakozi bafitanye amasezerano y'akazi na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora n'abakorerabushake b'amatora.

Abakorerabushake b'amatora bagizwe na:

1. Perezida w'ibiro by'itora;
2. Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora mu bigize ibyo biro by'itora;
3. Abaseseri batatu (3) n'abasimbura babo;

#### **Ingingo 10: Ibisobanuro by'ijambo “umukorerabushake” w'amatora**

Muri aya mabwiriza, umukorerabushake w'amatora ni Umunyarwanda wiyanbazwa mu gikorwa cyo gutegura no kuyobora amatora ariko bidasabye ko ahabwa umushahara. Icyakora, Komisiyo y'Ighugu y'Amatora ifata ingamba zo kumworohereza mu mirimo ye.

Mu bihe by'amatora umukorerabushake agira ikimuranga ahabwa na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

#### **Ingingo ya 11: Ibisabwa kugirango umuntu agirwe umukorerabushake w'amatora**

Kugira ngo umuntu yemererwe kuba umukorerabushake agomba :

1. Kuba ari umunyarwanda;
2. Kuba afite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko;

3. Kuba ari inyangamugayo;
4. Kuba yemerewe gutora;
5. Kuba afite nibura amashuri atatu (3) yisumbuye.

### **Ingingo ya 12: Abatemerewe kuba abakorerabushake b'amatora**

Abari mu nzego zikurikira ntibemerewe kujya mu gikorwa cy'amatora nk'abakorerabushake:

1. Abaminisitiri;
2. Abagize Inteko Ishinga Amategeko;
3. Guverineri b'Intara n'Abagize Komite Nyobozi y'Umujiyi wa Kigali;
4. Abagize Komite Nyobozi z'Uturere;
5. Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari, ab'Imirenge, ab'Uturere n'ab'Intara/Umujiyi wa Kigali;
6. Abagize Komite Nyobozi y'Umudugudu;
7. Abacamanza, n'Abashinjacyaha;
8. Abashinzwe umutekano ( Abasirikare, Abapolisi, Local Defense);
9. Indorerezi;
10. Abayobozi n'abakozi b'imitwe ya Politiki ku nzego zayo zitandukanye.

### **Ingingo ya 13: Komite itoresha**

Komite itoresha ni ishami rya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora rigizwe na Perezida w'ibiro by'itora n'Abahuzabikorwa b'ibumba by'itora ku biro by'itora.

Komite itoresha ishinzwe gukemura buri kibazo cyose cyavuka ku biro by'itora no mu cyumba cy'itora harimo n'iby'umutekano.

### **Ingingo ya 14: Isimburwa ry'abashinzwe gutoresha ku biro by'itora**

Iyo Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora atabonetse kubera impamvu zitandukanye, Perezida w'ibiro by'itora amusimbuza umwe mu baseseri. Iyo ari umwe mu baseseri utabonetse kandi abasimbura barangije asimbuzwa umwe mu baje gutora uzi gusoma no kwandika.

Iyo ari Perezida w'ibiro by'itora utabonetse, Abahuzabikorwa b'ibumba by'itora bitoramo Perezida w'ibiro by'itora wemezwa n'Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Umurenge. Iryo simburwa rikorerwa inyandikomvugo.

## **ICYICIRO CYA 2: INSHINGANO Z'ABAKORERABUSHAKE B'AMATORA**

### **Ingingo ya 15: Inshingano za Perezida w'ibiro by'itora:**

Perezida w'ibiro by'itora ashinzwe by'umwihariko ibi bikurikira:

1. Guhuza no kuyobora imirimo y'amatora yose ku biro by'itora ashinzwe;
2. Kuyobora abaseseri bose bashinzwe amatora ku biro by'itora;
3. Kwakira no gukurikirana imikoreshereze y'ibikoresho by'itora ku biro by'itora;
4. Gutunganya ibiro by'itora bakoreraho; by'umwihariko guharanira isuku ku biro by'itora bashinzwe, hifashishijwe inzego z'ubuyobozi;
5. Gutegura no gushyira umukono ku nyandiko zose zижyanye n'amatora ku biro by'itora nk'uko biteganywa n'amategeko n'amabwiriza bigenga amatora;

6. Kurahiza abakorerabushake bakorera ku biro by'itora mbere y'itora;
7. Kwakira indorerezi z'amatora;
8. Kwita ku mutekano w'abatora, w'ibikoresho by'itora n'ahatorerwa hifashishijwe by'umwihariko inzego zishinzwe umutekano;
9. Guhuriza hamwe ibyavuye mu matora mu byumba by'itora;
10. Kurwanya ruswa mu matora no kubikangurira abo ayobora;
11. Kugeza raporo y'ibyavuye mu matora ku babishinzwe ku rwego rw'Umurenge hakurikijwe amabwiriza ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora;
12. Gusimbuza abakorerabushake batashoboye kuboneka cyangwa bagize ikibazo mu gihe cy'amatora.

**Ingingo ya 16: Inshingano z'umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora:**

Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora ashinzwe by'umwihariko ibi bikurikira:

1. Guhuza no kuyobora imirimo y'amatora yose mu cyumba cy'itora;
2. Guharanira isuku mu cyumba cy'itora;
3. Kuyobora abaseseri bose bashinzwe amatora mu cyumba cy'itora ashinzwe;
4. Kwakira no gukurikiranu imikoreshereze y'ibikoresho by'itora mu cyumba cy'itora;
5. Kuyobora no guha ibisobanuro bya ngombwa abaje gutora;
6. Gutegura no gushyira umukono ku nyandiko zose zijiyanje n'amatora mu cyumba cy'itora nk'uko biteganywa n'amategeko n'amabwiriza bigenga amatora;
7. Guharanira ituze ku mirongo y'abaje gutora;
8. Kugenzura ko uje gutora nta kindi cyumba cy'itora yaba yatoreyemo mbere;
9. Kwakira indorerezi z'amatora;
10. Kurwanya ruswa mu matora no kubikangurira abo ayobora;
11. Kugeza raporo y'ibyavuye mu matora kuri Perezida w'ibiro by'itora hakurikijwe aya mabwiriza.

**Ingingo ya 17: Inshingano rusange z'Abaseseri mu byumba by'itora**

Buri cyumba cy'itora kigira abaseseri batatu (3) bafite inshingano muri rusange zikurikira:

1. Kwakira no gukoresha neza ibikoresho by'itora hashingiwe ku itegeko n'amabwiriza bigenga amatora;
2. Gutunganya ibyumba by'itora harimo n'ubwihugiko bukoreshwa mu matora;
3. Kwakira neza abaje gutora no kubaha ibisobanuro bya ngombwa hubahirizwa amategeko n'amabwiriza bigenga amatora;
4. Kubarura amajwi hakurikijwe amategeko n'amabwiriza bigenga amatora;
5. Kwakira neza indorerezi z'amatora hakurikijwe amategeko n'amabwiriza bigenga amatora;
6. Kurwanya ruswa mu matora;
7. Gutegura no gushyira umukono ku nyandiko zijiyanje n'amatora hashingiwe ku mategeko n'amabwiriza bigenga amatora.

**Ingingo ya 18: Inshingano zihariye za buri museseri**

Abaseseri b'itora bashinzwe gutoresha mu byumba by'itora.

Umuseseri wa mbere ashinzwe:

1. Kugenzura niba uje gutora yanditse ku ilisiti y'itora;
2. Gusuzuma ko ibyanditse ku ikarita y'itora n'ikiranga uje gutora bihuye n'ibyanditse ku ilisiti y'itora aba afite;

3. Kuvivura ku ilisiti y'itora;
4. Kwandika ku mugereka uwatoye atanditse kuri iyo lisiti.

Umuseseri wa kabiri ashinzwe:

1. Guha urupapuro rw'itora ugiye gutora no kumwerekwa uko ruzingwa n'aho ubwiugiko buri;
2. Kubarura abantu ahaye impapuro.

Umuseseri wa gatatu ashinzwe:

1. Kwereka uvuye gutora agasanduku ashyiramo urupapuro;
2. Gutera kashe " YATOYE " ku ikarita y'umaze kwinjiza urupapuro yatoreyeho mu gasanduku k'itora ku mwanya wabugenewe;
3. Gusiga wino idasibangana ku rutoki rw'agahera rw'umaze gutora;
4. Kumenya umubare w'abantu batoye bamunyuzeho.

### **ICYICIRO CYA 3: IMYITWARIRE Y'ABAKORERABUSHAKE B'AMATORA**

#### **Ingingo ya 19: Amahame remezo agenga imyitwarire y'Abakorerabushake b'amatora**

Umukorerabushake agomba kurangwa n'ibi bikurikira:

1. Gukorera mu mucyo no mu bwisanzure;
2. Kutagira Umukandida abogamiraho;
3. Gukorera ibintu ku gihe;
4. Kwakira neza abaje gutora n'abandi bakurikirana ibikorwa by'amatora;
5. Kubahiriza amategeko n'amabwiriza bigenga amatora;
6. Kugisha inama iyo bibaye ngombwa mw'ifatwa ry'ibyemezo;
7. Kugira ibanga ry'akazi;
8. Kugira isuku mu mirimo ashinzwe.

#### **Ingingo ya 20: Imyitwarire y'abayobora ku biro no mu byumba by'itora**

Nk'uko bimeze mu nzego zose za Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, abayobora amatora bagomba korohereza abashaka gutora bujuje ibyangombwa. Bagomba kandi kwirinda kugira uruhande babogamiraho mu gihe cyose bari mu mirimo y'amatora: mu gihe cy'imyiteguro y'amatora, mu gihe cy'itora nyirizina no mu gihe cyo kubarura amajwi. Icyakora bafite uburenganzira bwo gutora nk'uko biteganywa n'amategeko.

### **UMUTWE WA IV: INSHINGANO N'IMYITWARIRE Y'ABAGIRA URUHARE MU BIKORWA BY'AMATORA**

#### **ICYICIRO CYA MBERE: ABANYAMAKURU**

#### **Ingingo ya 21 : Ibisobanuro by'ijambo "umunyamakuru" w'umwuga**

Umunyamakuru w'umwuga ni umuntu ufite ubumenyishingiro mu by'itangazamakuru kandi akora itangazamakuru nk'umurimo we w'ibanze. Agomba kuba akora nibura umwe mu mirimo ikurikira :

1. Gutara amakuru ;
2. Kunononsora inkuru ;

3. Gutangaza inkuru mu gitangazamakuru iki n'iki, agamije gukwirakwiza amakuru cyangwa ibitekerezo muri rubanda.

**Ingingo ya 22: Uburenganzira bwo gukurikirana ibikorwa by'amatora**

Abanyamakuru bemerewe gukurikirana igikorwa cy'amatora. Icyakora, kugira ngo babyemerewe bagomba kuba bafite ikarita y'akazi cyangwa icyemezo bahabwa n'Urwego rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 23 : Imiyitwarire igomba kuranga abanyamakuru mu bihe by'amatora**

Umunyamakuru mu bihe by'amatora agomba kurangwa n'imiyitwarire ikurikira:

1. Kwirinda kubogama no kurangwa n'amarangamutima mu mitangarize y'amakuru arebana n'amatora;
2. Kwirinda guhisha no guhishira ibikorwa bishobora kubangamira imigendekere myiza y'amatora ighi abifiteho amakuru;
3. Gukosora vuba inkuru yatangajwe mu gihe bigaragaye ko itari ishingiye ku ukuri;
4. Mu gukurikirana imirimo y'amatora, abanyamakuru bubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga amatora ndetse n'agenga umwuga wabo ;
5. Nubwo Abanyamakuru bemerewe gutangaza amakuru muri rusange ku migendekere y'amatora, babujiwe gutangaza ibyavuye mu matora mbere y'uko bitangazwa na Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora ;
6. Kwirinda kwivanga mu mirimo y'abayobora amatora.

**ICYICIRO CYA 2: INZEGO ZISHINZWE UMUTEKENO**

**Ingingo ya 24 : Abagize inzego zishinzwe umutekano mu bihe by'amatora.**

Abari mu nzego zishinzwe umutekano mu bihe by'amatora barebwa n'aya mabwiriza ni aba bakurikira :

1. Abasilikari ;
2. Abapolisi ;
3. Na ba « Local Defence ».

**Ingingo ya 25 : Inshingano z'abashinzwe umutekano by'umwihariko mu bihe by'amatora**

Mu bihe by'amatora, abashinzwe umutekano bagomba kwita kuri ibi bukurikira :

1. Kumenya no kubahiriza amategeko n'amabwiriza bigenga amatora;
2. Kumenya ko abakandida, Imitwe ya Politiki, Amashyirahamwe y'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo bafite uburenganzira bungana ku mutekano wabo n'imitungo yabo, n'ibyo bakora byemewe n'amategeko mu gihe cy'amatora;
3. Gucunga umutekano w'abashinzwe kuyobora amatora n'uwbikoresho by'amatora;
4. Gucunga umutekano ku biro by'itora bubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga amatora;
5. Kunganira abayobora amatora ku bijyanye n'umutekano ighi cyose biyambajwe ;

6. Gukumira ibikorwa bishobora guhungabanya imigendekere myiza y'amatora;
7. Gukurikirana abakoze ibyahabihungabanya ibikorwa by'amatora hubahirizwa amategeko;
8. Kugira inama inzego ziyyobora amatora ku bijyanye n'umutekano w'amatora.

**Ingingo ya 26: Ibyo abashinzwe umutekano babujijwe mu bihe by'amatora**

Uwo ariwe wese ushinzwe umutekano aba abujijwe ibi bikurikira:

1. Kubogamira ku mukandida uwo ari we wese;
2. Kwivanga mu miyoborere y'amatora harimo no guha amabwiriza abayobora amatora;
3. Gushyira iterabwoba ku bayobora amatora, abakandida, indorerezi n'abatora;
4. Kwinjira mu cyumba cy'itora mu gihe batagiye gutora cyangwa batabisabwe n'uyobora amatora;
5. Kwinjirana intwaro mu cyumba cy'itora;
6. Gutuma utora atora uko atabiteganyije.
7. Kwivanga mu ibarura ry'amajwi.

**ICYICIRO CYA 3 : INDOREREZI Z'AMATORA**

**Ingingo ya 27: Ibisobanuro by'ijambo " indorerezi "z'amatora.**

Indorerezi y'amatora ni umwenegihugu cyangwa umunyamahanga ukora ku giti cye cyangwa akaba ari intumwa y'Umuryango nyarwanda utari uwa Leta, ihuriro ry'amashyirahamwe y'imiryango nyarwanda , Igihugu , umuryango mpuzamahanga cyangwa mvamahanga wemererwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora gukurikirana ibikorwa by'amatora.

**Ingingo ya 28: Amahame shingiro Indorerezi zigomba kubahiriza**

Indorerezi igomba kubahiriza amahame shingiro akurikira:

1. Kumenya no kubaha amategeko y'Igihugu;
2. Kutagira aho ibogamira mu gihe ikurikirana ibikorwa by'amatora;
3. Kurangwa n'ukuri, no gukorera mu mucyo;
4. Kubaha umuco nyarwanda n'Abanyarwanda;
5. Kutivanga mu bikorwa bidafitanye isano n'ibyo yemererwa mu gukurikirana amatora.

**Ingingo ya 29: Uburyo bwo kwemerera kuba Indorerezi**

Icyemezo cyo kuba indorerezi gitangwa mu nyandiko na Komisiyo y'Igihugu y'amatora. Icyo cyemezo gishingira ku bushake bwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora cyangwa ku cyifuzo cyayishyikirijwe n'u rwego indorerezi ihagarariye.

Inzego zitanga indorerezi zigomba kubimenyesha Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu nyandiko mu gihe ntarengwa cyagenwe muri gahunda ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora igaragara ku mugerekwa wa **cumi na gatandatu (XVI)** wometse kuri aya mabwiriza.

**Ingingo ya 30: Ibigomba kubahirizwa n'abasaba kuba indorerezi**

Ibigomba kubahirizwa n'abasaba kuba indorerezi ni ibi bikurikira:

1. Urwego rusaba kuba indorerezi rugaragaza urutonde n'imyirondoro by'abahagarariye urwo rwego mu gikorwa cy'indorerezi;
2. Urwego rusaba kuba indorerezi rumenyekanisha umuvugizi n'umusimbura we kuri urwo rutonde;
3. Urwego rusaba kuba indorerezi rugaragaza Intara/Umujiyi wa Kigali cyangwa Akarere bifuza gukorero.
4. Umuntu ku giti cye agaragaza umwirondoro we n'aho yifuza gukorera.

**Ingingo ya 31: Ibindi bisabwa indorerezi**

Indorerezi yose igomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ifite uburambe mu kuba indorerezi y'amatora cyangwa kugira ubumenyi mu mitegurire no mu migendekere y'amatora;
2. Kuba inyangamugayo;
3. Kuba itabogama kandi ivuga ibantu uko biri;
4. Kugira ubumenyi ku mategeko y'u Rwanda n'ay'amatora by'umwihariko;
5. Kumenya no kwemera amahame mpuzamahanga agenga Indorerezi z'amatora;
6. Kugira ubumenyi buhagije ku byerekeye umuco, amateka, imiterere n'imitgekere y'u Rwanda.

**Ingingo ya 32: Aho indorerezi zishobora guturuka**

Indorerezi z'amatora zishobora guturuka mu Gihugu, cyangwa mu mahanga.

Indorerezi ni umuntu ku giti cye cyangwa urwego rukomoka imbere mu Gihugu rufite ubuzimagatozi rwujuje ibiteganywa n'aya mabwiriza, kugira ngo rukurikirane uburyo itora rikorwa.

Indorerezi ni umuntu ku giti cye cyangwa urwego ruturutse mu mahanga rwoherejwe n'Ighugu cyangwa umuryango mpuzamahanga kugira ngo rukurikirane uburyo itora rikorwa mu Rwanda.

**Ingingo ya 33: Aho indorerezi z'abenegihugu zishobora guturuka**

Indorerezi z'abenegihugu zishobora kuba abantu ku giti cyabo cyangwa guturuka mu nzego zikurikira:

1. Inzego za Leta zifite mu nshingano zazo ibifitanye isano n'amatora zibisabye;
2. Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda;
3. Ihuriro ry'Ighugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki;
4. Imiryango itari iya Leta ikorera mu Rwanda ku buryo bwemewe n'amategeko kandi ifite mu nshingano zayo ibifitanye isano n'amatora;
5. Imiryango ishingiye ku madini ifite ibyemezo byatanzwe n'inzego zibifitiye ububasha;
6. Inzego z'itangazamakuru n'abanyamakuru bafite ibyangombwa bitangwa n'inzego za Leta zibifitiye ububasha.

**Ingingo ya 34: Aho indorerezi mvamahanga zishobora guturuka**

Indorerezi mvamahanga zishobora kuva mu:

1. Imiryango Mpuzamahanga yose ibisabye;
2. Ambasade zihagarariye Ibihugu byazo mu Rwanda;
3. Imiryango Mpuzamahanga u Rwanda rurimo;
4. Inzego zinobora amatora zo mu bindi bihugu.

**Ingingo ya 35: Ibyangombwa bisabwa Indorerezi iturutse mu mahanga by'umwihariko**

Indorerezi mvamahanga zisabwa by'umwihariko:

1. Kugira viza yemewe kandi itarengeje igithe gitanzwe n'urwego rubifitiye ububasha;
2. Kubahiriza amabwiriza mpuzamahanga cyangwa se yihariye yerekerye n'iby'ubuzima cyangwa iby'umutekano ku bantu binjira cyangwa basohoka mu karere aka n'aka k'Ighugu bakoreramo.

**Ingingo ya 36: Igihe indorerezi zitangirira imirimo yazo**

Indorerezi itangira gukurikirana ibikorwa by'amatora ku munsi yemerewe na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora, bikarangirana n'umunsi urwego ihagarariye rushyikirije Komisiyo y'Ighugu y'Amatora raporo yayo mu nyandiko.

**Ingingo ya 37: Uburenganzira bw'indorerezi z'amatora**

Indorerezi z'amatora zifite uburenganzira bukurikira:

1. Kumenyeshwa gahunda y'amatora;
2. Kumenyeshwa uburyo amatora akorwamo;
3. Kumenyeshwa aho ibikorwa byose by'amatora bikorerwa;
4. Koroherezwa kubona inyandiko zirebana n'amatora;
5. Kwemererwa kugera aho ibikorwa by'amatora bikorerwa uretse mu bwiugiko igithe amatora yatangiye;
6. Kumenyeshwa ibyavuye mu matora mu gihe giteganywa n'amategeko.

**Ingingo ya 38: Inshingano z'indorerezi**

Indorerezi zifite inshingano zikurikira:

1. Kuirinda igikorwa cyose cyabangamira imigendekere y'amatora;
2. Kuirinda kubogama mu bikorwa by'amatora;
3. Kutiwaza kuba indorerezi y'amatora ngo akore ibidafitanye isano n'amatora byahunganya umutekano n'ibusugire bw'Ighugu,
4. Kubahiriza amategeko agenga igihugu muri rusange n'amategeko agenga amatora byumwihariko;
5. Kubaha umuco w'Ighugu;
6. Kuirinda gutanga amabwiriza kubayobora amatora ;
7. Gukorera gusa aho zemerewe gukorera mu Gihugu;
8. Kubaha abayobora amatora mu nzego zose;
9. Kuirinda gutangaza ibyavuye mu matora mu gihe urwego rubbishinzwe rutarabikora;
10. Gukora raporo zishingiye ku kuri kwibiyagaragaye mu matora no kuyigeza kuri Komisiyo y'Ighugu y'Amatora binyuze ku rwego yari ihagarariye mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60) amatora arangiye.

**Ingingo ya 39: Ibyangombwa bihabwa indorerezi yahawe uburenganzira bwo**

**gukurikirana amatora**

Mbere yo gutangira imirimo yazo, indorerezi zahawe uburenganzira bwo gukurikirana amatora zihabwa icyemezo cyanditse n'ikimenyetso cyabugenewe kiziranga. Indorerezi zigomba kandi kwambara ikimenyetso ku buryo bugaragara no kucyerekana mu gihe zikurikirana imirimo y'amatora. Ibyo byombi bitangwa hashingiwe ku busabe bw'urwego indorerezi ihagarariye.

**Ingingo ya 40: Gutakaza uburenganzira bwo kuba Indorerezi**

Indorerezi ishobora kwamburwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora uburenganzira bwo gukurikirana amatora iyo igize imyitwarire ibangamira imigendekere myiza y'amatora. Iyo ndorerezi ibimenyeshwa mu nyandiko.

**Ingingo ya 41: Ingingo Indorerezi zishingiraho mu gutanga raporo**

Urwego indorerezi zihagarariye rushyikiriza raporo yayo Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ishingiye ku bimenyetso nyakuri kandi bifatika, mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60) amatora arangie.

**ICYICIRO CYA 4: ABAHAGARARIYE ABAKANDIDA**

**Ingingo ya 42 : Uhagarariye umukandida**

Uhagarariye umukandida ni umwenegihugu wanditse ku ilisiti y'itora wahawe ububasha n'Umukandida bwo gukurikirana ibikorwa by'amatora mu izina rye.

Umutwe wa Politiki, Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki cyangwa umukandida wigenga bemerewe kugena ubahagararira ku biro by'itora cyangwa mu byumba by'itora kugira ngo akurikirane imigendekere y'itora.

Uhagarariye umukandida ahabwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora uburenganzira bwo gukurikirana amatora.

**Ingingo ya 43: Aho abahagarariye abakandida bemerewe gukurikirana ibikorwa by'amatora**

Abahagarariye abakandida babo uko byagenwe mu ngingo ya 42 y'aya mabwiriza, bemererwa kubahagararira ku rwego rw'ibiro cyangwa rw'icyumba cy'itora.

Abahagarariye abakandida ku biro by'itora bemerewe kugenzura no gukurikirana ibikorwa by'amatora mu byumba by'itora byose bigize ibiro by'itora bashinzwe n'ababatumye. Icyakora ntibemerewe kwinjira mu bwiugiko mu masaha yo gutora.

**Ingingo ya 44: Igihe abakandida bashyikiririza Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ilisiti y'abahagararira mu biro by'itora cyangwa mu byumba by'itora n'icyemezo bahabwa.**

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora igeza kuri buri Mutwe wa Politiki, Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki yatanze abakandida, cyangwa umukandida wigenga, urutonde rw'ibiro n'ibumba by'itora hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo amatora abe.

Nk'uko biteganywa n'itegeko, buri mukandida yemerewe kugira umuhagararira muri buri cyumba cy'itora cyangwa no kuri buri biro by'itora yabiherewe icyemezo cyanditse gitangwa n'umuyobozi ufite ububasha mu Mutwe wa Politiki, Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki cyangwa Umukandida wigenga.

Kopi ya buri cyemezo cyatanzwe ishyikirizwa umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Akarere bireba.

imiterere y' icyemezo gitanga ububasha bwo guhagararira Umutwe wa Politiki/Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki/Umukandida wigenga ku cyumba cy'itora cyangwa ku biro by'itora kigaragara ku mugereka **wa cumi na kabiri (XII)** w'aya mabwiriza.

Urutonde rw'Abahagararira abakandida rushyikirizwa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora hasigaye nibura iminsi cumi (10) ngo itora ribe. Urwo rutonde rugomba kugaragaza ibi bikurikira:

- a) amazina yose y'abazabahagararira,
- b) numero z'ikarita ndangamuntu zabo,
- c) ibiro by'itora cyangwa ibyumba by'itora bazakoreraho.

Urutonde rwemewe rw'abahagarariye abakandida rushyirwa ahagaragara na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora nibura iminsi itanu (5) mbere y'umunsi w'itora.

Imiterere y'icyemezo gihabwa uwemerewe na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora guhagararira umukandida muri buri cyumba cy'itora cyangwa no kuri buri biro by'itora kigaragara ku mugerekwa **wa cumi na gatatu (XIII)** w'aya mabwiriza.

#### **Ingingo ya 45: Ibisabwa uhagarariye umukandida cyangwa Umutwe wa Politiki.**

Uhagararira umukandida cyangwa umutwe wa Politiki mu cyumba cyangwa mu biro by'itora agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari Umunyarwanda;
2. Kuba afite ikarita ndangamuntu;
3. Kuba afite ikarita y'itora;
4. Kuba afite icyemezo cyanditse gitangwa n'umukandida ahagarariye. Kopi y'icyo cyemezo igomba kuba yarashyikirije Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Akarere. Ku munsi w'itora icyo cyemezo cyerekwa Perezida w'ibiro by'itora.
5. Kuba ari ku rutonde rwemejwe umukandida ashyikiriza Komisiyo y'Ighugu y'Amatora;
6. Kuba azi gusoma no kwandida
7. Kuba ari inyangamugayo.

#### **Ingingo ya 46: Ibikorwa abahagarariye abakandida bemerewe.**

Uhagarariye umukandida yemerewe:

1. Gukurikirana ibikorwa by'itora;
2. Gukurikirana ibikorwa byo kubarura impapuro z'itora;
3. Gukurikirana ibikorwa byo kubarura amajwi;
4. Gukurikirana iteranya n'imenyekanishwa ry'amajwi mu cyumba cy'itora;
5. Gushyira umukono ku nyandiko zibaruriweho amajwi igithe abyifuje;
6. Gukurikirana ihuzwa ry'amajwi ku nzego zose zihurizwaho amajwi.

#### **Ingigo ya 47: Ibibujiwe abahagarariye abakandida**

Ntawemerewe guhagararira abakandida barenze umwe. Ntawemerewe kandi guhagararira umukandida mu byumba by'itora birenze kimwe, keretse iyo amuhagarariye ku rwego rw'ibiro by'itora.

Uhagarariye umukandida agomba kwirinda gutanga amabwiriza ayo ariyo yose arebana n'amatora.

Uhagarariye umukandida abujijwe kandi ibindi byose bibujijwe indorerezi nk'uko biteganywa mu ngingo ya 38 y'aya mabwiriza.

**UMUTWE WA V: GUTANGA KANDIDATIRE  
ICYICIRO CYA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya 48: Igihe kwakira kandidatire bitangirira n'igihe birangirira**

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora izakira kandidatire ku myanya y'Ubudepite kuva taliki ya **06 kugeza tariki ya 12 Kanama 2013** iminsi yose. Kandidatire zakirwa kuva saa moya (7:00 a.m) za mu gitondo kugeza saa kumi n'imwe (5:00 p.m) z'umugoroba .

**Ingingo ya 49: Ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe kuba umukandida depite.**

Ushobora kwemererwa kuba umukandida depite ni umunyarwanda wese:

1. wujuje nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;
2. w'inyangamugayo;
3. utazitiwe n'imwe mu nzitizi ziteganywa mu ngingo ya 11 n'iya 49 z'itegeko n° 27/2010 ryo ku wa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu.

Inyangamugayo ni umunyarwanda urangwa n'ibi bikurikira:

- a) w'indakemwa mu myifatire no mu mibanire ye n'abandi;
- b) utarahanwe n'icyaha cya jenoside cyangwa ingengabitekerezo yayo;
- c) utarahanwe n'icyaha cy'ivangura n'amacakubiri;
- d) utarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);
- e) wahanaguweho ubusembwa mu gihe yaba yarakatiwe igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);
- f) utarirukanwe burundu mu bakozi ba Leta;
- g) utarahanwe n'icyaha cya ruswa cyangwa cy'inyereza ry'umutungo rusange.

**Ingingo ya 50: Inyuguti cyangwa ibimenyetso bikoreshwa n'Imitwe ya Politiki, Amashyirahamwe y'Imitwe ya Politiki n'Abakandida bigenga.**

Umutwe wa Politiki, Ishyirahamwe ry'Umutwe wa Politiki, cyangwa Umukandida wigenga ntibishobora gukoresha ikimenyetso cyatoranyijwe n'undi mukandida cyangwa cyakurura amacakubiri cyangwa urujiro.

Iyo hari abakandida benshi, Imitwe ya Politiki cyangwa Amashyirahamwe y'Imitwe ya Politiki bahisemo inyuguti cyangwa ikimenyetso kimwe, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ifata icyemezo cyo kwemerera Umutwe wa Politiki, Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki cyangwa Umukandida wigenga watanze kandidatire mbere.

Birabujijwe gukoresha ikimenyetso cyari cyarakoreshejwe mu yandi matora n'undi Mukandida, undi Mutwe wa Politiki cyangwa irindi Shyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki.

Birabujijwe guhitamo ikirango kigizwe n'urwunge rw'amabara agize ibendera ry'Igihugu.

**Ingingo ya 51: Ibibujije mu itangwa rya kandidatire**

Umuntu ushaka kwiyamariza umwanya w'Ubudepite atanga kandidatire ku mwanya umwe gusa.

Nta wemerewe gutanga icyarimwe kandatire ye mu cyiciro cy'amatora ataziguye n'amatora aziguye.

Nta wemerewe gutanga kandidatire ye icyarimwe mu itora ry'Abadepite b'Abagore, ab'Urubyiruko no mu itora ry'umudepite ufite ubumuga.

**Ingingo ya 52: Uburyo Komisiyo y'Ighigu y'Amatora itangaza kandidatire ntakuka**

Mu gutangaza abakandida bemejwe, Komisiyo y'Ighigu y'Amatora ikoresha itangazamakuru n'ubundi buryo bw'itumanaho bushoboka.

**ICYICIRO CYA 2: GUTANGA KANDIDATIRE MU ITORA RY'ABADEPITE BATORWA MU BURYO BUTAZIGUYE**

**Ingingo ya 53: Umubare w'abakandida batangwa n'Imitwe ya Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki**

Ilisiti y'Imitwe ya Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki ntirenza amazina y'abakandida mirongo inani (80).

Uhagarariye Umutwe wa Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki ashyikiriza Komisiyo y'Ighigu y'Amatora ilisiti y'abakandida n'amadosiye yabo hamwe n'icyemezo cy'ububasha yahawe biherekejwe n'inyandikomvugo iriho amazina n'imikono by'abagize urwego rukuru rw'Umutwe wa Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki, bemeje iyo lisiti mu buryo bukurikije amategeko.

Ibyo kandi bishobora gukorwa n'undi wabiherewe ububasha n'uhagarariye Umutwe wa Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki mu gihe usanzwe abihagarariye atabonetse.

Komisiyo y'Ighigu y'Amatora itanga icyemezo ko yakiriye iyo lisiti .

Guhabwa icyo cyemezo ariko ntibivuga ko kandidatire yatanzwe yemejwe.

**Ingingo ya 54: Urwego rushyikirizwa kandidatire n'icyemezo gihabwa utanze kandidatire.**

Igikorwa cyo gutanga kandidatire gikorerwa ku cyicaro cya Komisiyo y'Ighigu y'Amatora. Utanze kandidatire ahabwa icyemezo cy'iyakira kigaragaza ibyangombwa ayishyikirije. Guhabwa iki cyemezo ntibisobanuye ko kandidatire yemejwe.

Icyo cyemezo kigomba gushyirwaho umukono n'utanze kandidatire ndetse n'uyakiriye. Kigomba kandi gushyirwaho itariki n'isaha kandidatire yakiriweho.

**Ingingo ya 55: Ibigomba kugaragara muri dosiye z'abakandida b'Imitwe ya Politiki**

Ilisiti y'abakandida igomba guherekezwa n'ibi bikurikira kuri buri mukandida:

1° amazina yose ahwanye n'ari ku ikarita ndangamuntu ye;

2° umwirondoro ugaragaza ibikurikira:

- a) umwuga we;
- b) aho yavukiye n'itariki y'amavuko;
- c) aho atuye.

3° icyemezo cye cy'amavuko gitangwa n'urwego rw'Igihugu rubifitiye ububasha;

4° amafoto ye abiri (2) magufi y'amabara;

5° fotokopi y'ikarita ndangamuntu ye;

6° fotokopi y'ikarita ye y'itora;

7° icyemezo cye cy'ubutabera kitarengeje amezi atatu (3) gitanzwe n'urwego rubifitiye ububasha kigaragaza ko uwo muntu atigeze akatirwa cyangwa yakatiwe igihano cy'igifungo kitagejeje ku mezi atandatu;

Buri lisiti y'Abakandida by'umutwe wa Politiki cyangwa y'Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki igomba guherekezwa n'ikimenyetso gishyirwa ku rupapuro rw'itora.

#### **Ingingo ya 56: Ibisabwa umukandida wigenga**

Umukandida wigenga ni umukandida ku rwego rw'Igihugu. Kandidatire ye ifatwa nk'ilisiti y'umuntu ku giti cye.

Icyakora, kugira ngo dosiye y'umukandida isuzumwe kandi yakirwe, buri mukandida, wiyamamaza ku giti cye mu cyiciro cy'abadepite batorwa mu buryo butaziguye agomba kugaragaza umwirondoro ugizwe n'ibi bikurikira:

1° amazina ye yose ahwanye n'ari mu ikarita ndangamuntu ye;

2° umwirondoro we ugaragaza:

- a) umwuga we;
- b) aho yavukiye n'itariki y'amavuko;
- c) aho atuye;

3° icyemezo cye cy'amavuko gitangwa n'urwego rw'Igihugu rubifitiye ububasha;

4° amafoto ye abiri (2) y'amabara;

5° fotokopi y'ikarita ndangamuntu ye;

6° fotokopi y'ikarita y'itora ye.

Umwirondoro w'umukandida wigenga ugomba guherekezwa n'ibi bikurikira:

1° urutonde rw'abantu bangana nibura na magana atandatu (600) bashyize umukono cyangwa igikumwe ku ilisiti ye mu gihugu hose biyandikishije kuri lisiti y'itora barimo nibura cumi na babiri (12) babarurirwa muri buri Karere;

2° icyemezo cye cy'ubutabera kitarengeje amezi atatu (3) gitanzwe n'urwego rubifitiye ububasha kigaragaza ko umuntu atigeze akatirwa cyangwa yakatiwe igihano cy'igifungo kitageze ku mezi atandatu (6);

3° ikimenyetso kimuranga gishyirwa ku rupapuro rw'itora;

4° icyemezo yasinye gihama ko inyandiko yasabwe kandi yatanze muri dosiye ye zihuje n'ukuri.

#### **Ingingo ya 57: Ibigromba kugaragara ku rutonde rw'abantu basinyira umukandida wigenga**

abantu bashyigikiye kandidatire y'umukandida wigenga bagomba kuba banditse ku ilisiti y'itora. Abatari kuri lisiti y'itora ntibemerewe gusinyira umukandida ngo bamushyigikire.

Gushaka abashyigikiye umukandida bikorwa n'umukandida ku gitit cye, cyangwa uwo yabihereye uburenganzira mu nyandiko.

Urutonde rw'abantu basinyiye umukandida wigenga rugomba kugaragaza:

1. Amazina ya buri muntu umushyigikiye akurikiwe n' umukono cyangwa igikumwe ku ilisiti n'itariki byakoreweho;
2. Nomero y'ikarita ndangamuntu ye n'aho yayifatiye;
3. Nomero y'ikarita y'itora ye n'aho yayifatiye;
4. Aho atuye;
5. Inyandiko ye ihamba ko ibyo yasabwe kandi yatanze muri dosiye ari ukuri.

Umukono cyangwa igikumwe by'abashyigikiye umukandida wigenga ntibigomba kurenza amezi atatu (3) mbere y'itariki atangiyeho kandidature.

### **ICYICIRO CYA 3: GUTANGA KANDIDATIRE MU ITORA RY'ABADEPITE BATORWA MU BURYO BUZIGUYE**

**Ingingo ya 58: Urwego rushyikirizwa kandidatire n'icyemezo gihabwa utanze kandidatire.**

Igikorwa cyo gutanga kandidatire gikorerwa ku cyicaro cya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora. Utanze kandidatire ahabwa icyemezo cy'iyakira kigaragaza ibyangombwa ayishyikirije. Guhabwa iki cyemezo ntibisobanuye ko kandidatire yemejwe.

Icyo cyemezo kigomba gushyirwaho umukono n'utanze kandidatire ndetse n'uyakiriye. Kigomba kandi gushyirwaho itariki n'isaha kandidatire yakiriweho.

**Ingingo ya 59: Ibisabwa abatanga kandidatire mu myanya yagenewe Abadepite batorwa mu buryo buziguye**

Dosiye y'umukandida wese ushaka gutanga kandidatire mu byiciro biteganywa mu ngingo ya 60, iya 61 n'iya 62 z'aya mabwiriza igomba kuba irimo ibi bikurikira:

- 1) amazina yose ahwanye n'ari ku ikarita ndangamuntu ye;
- 2) umwirondoro ugaragaza:
  - a) umwuga we;
  - b) aho yavukiye n'itariki y'amavuko;
  - c) aho atuye.
- 3) icyemezo cye cy'amavuko gitangwa n'urwego rw'Ighugu rubifitiye ububasha;
- 4) amafoto ye abiri (2) magufi y'amabara;
- 5) fotokopi y'ikarita ndangamuntu ye;
- 6) fotokopi y'ikarita ye y'itora;
- 7) icyemezo cye cy'ubutabera kitarengeje amezi atatu (3) gitanzwe n'urwego rubifitiye ububasha kigaragaza ko umuntu atigeze akatirwa cyangwa yakatiwe igihano cy'igifungo kitageze ku mezi atandatu;
- 8) Inyandiko ye ihamba ko ibyo yasabwe kandi yatanze muri dosiye ari ukuri.

**Ingingo ya 60: Itangwa rya kandidatire ku myanya yagenewe Abadepite b'abagore**

Umagore ushaka kwiyamariza umwanya w'Ubudepite mu yagenewe abagore atanga kandidatire ku giti cye. Si ngombwa kuba ari mu nzego z'ubuyobozi z'Inama y'Igihugu y'Abagore. Agaragaza kandi ifasi y'itora ashaka kwiyamarizamo.

**Ingingo ya 61: Itangwa rya kandidatire ku myanya yagenewe abadepite b'Urubyiruko.**

Umuntu wese ushaka kwiyamariza umwanya w'Ubudepite mu myanya yagenewe Urubyiruko atanga kandidatire ku giti cye kandi agomba kuba afite hagati y'imyaka makumyabiri n'umwe (21) na mirongo itatu n'itanu (35) y'amavuko.

Si ngombwa kuba ari mu nzego z'ubuyobozi z'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko.

**Ingingo ya 62: Itangwa rya kandidatire ku mwanya wagenewe umudepite ufite ubumuga**

Umuntu wese ushaka kwiyamariza umwanya w'Ubudepite ku mwanya wagenewe Abantu bafite ubumuga atanga kandidatire ku giti cye kandi agomba kuba afite ubumuga. Si ngombwa kuba ari mu nzego z'ubuyobozi z'Inama y'Igihugu y'Abafite ubumuga.

Ubumuga bushobora kuba ari ubwo yavukanye cyangwa ubwo yagize nyuma. Ufite ubumuga bwo mu mutwe ntiyemerewe gutanga kandidatire.

Usibye ibiteganywa n'ingingo ya 59 y'aya mabwiriza, umukandida ufite ubumuga agomba gutanga icyemezo ahabwa na muganga wemewe na Leta kandi ubifitiye ubumenyi kigaragaza ubumuga afite.

**Ingingo ya 63: Ibimenyetso bikoreshwa n'abakandida.**

Abakandida ntibashobora gukoresha ikimenyetso cyatoranyijwe cyangwa cyakoreshejwe mu yandi matora n'undi mukandida, cyangwa cyakurura amacakubiri cyangwa urujijo.

Iyo hari abakandida benshi bahisemo ikimenyetso kimwe, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ifata icyemezo kitajuririrwa cyo kwemerera umukandida watanze kandidatire mbere.

Birabujijwe guhitamo ikirango kigizwe n'urwunge rw'amabara atatu agize ibendera ry'Igihugu.

**Ingingo ya 64: Igihe kigenerwa umukandida mbere yo gutangaza lisiti ntakuka ngo asubire muri dosiye ye iyo ituzye**

Mbere yo gutangaza ilisiti ntakuka y'abakandida, umukandida waba atujuje ibisabwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora abimenyeshwa mu nyandiko, agahabwa umwanya wo kubyuzuza. Kuzuza ibibura muri dosiye y'umukandida bikorwa mu gihe k'iminsi itanu nyuma yo gutangaza lisiti y'agateganyo y'abakandida na mbere yo gutangaza ilisiti ntakuka.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yemeza kandi igatangaza ilisiti ntakuka y'abakandida hasigaye nibura iminsi irindwi (7) mbere y'uko kwiyamamaza bitangira.

**Ingingo ya 65: Ilisiti ntakuka y'abakandida**

Iyo ilisiti yabaye ntakuka, nta mukandida uyivanwaho cyangwa ngo avanwe ku rupapuro rw'itora.

Iyo hari umukandida wagize impamvu imubuza gukomeza kuba umukandida, urupapuro rw'itora rukomeza kugira agaciro, ariko Komisiyo y'Ighugu y'Amatora ikabimenesha abatora ikoreshje itangazo rimanitse kuri buri cyumba cy'itora n'ubundi buryo bwose bwashoboka.

Urupapuro rw'itora rwatoreweho umukandida utakitoza uvugwa mu gika kibanziriza iki rufatwa ko ari impfabusa.

## **UMUTWE WA VI: KWIYAMAMAZA**

### **Ingingo ya 66: Ifasi yo kwiyamamarizamo**

1. Ifasi yo kwiyamamarizamo mu gihe cy'amatora rusange y'abadepte batorwa mu buryo butaziguye yo kuwa 16 Nzeri 2013 ni Ighugu cyose;
2. Ifasi yo kwiyamamarizamo mu gihe cy'amatora aziguye y'abakandida b'abadepte b'abagore yo kuwa 17 Nzeri 2013 ni Intara cyangwa Umujiyi wa Kigali.
3. Ifasi yo kwiyamamarizamo mu gihe cy'amatora aziguye y'abakandida b'abadepte b'Urubyiruko yo kuwa 18 Nzeri 2013 ni Ighugu cyose.
4. Ifasi yo kwiyamamarizamo mu gihe cy'amatora y'abakandida batorwa n'abantu bafite ubumuga yo kuwa 18 Nzeri 2013 ni Ighugu cyose.

### **Ingingo ya 67: Ibisobanuro b'ijambo“ kwiyamamaza“ n'igihe cyo kwiyamamaza**

Kwiyamamaza ni uburyo umukandida wigenga, umutwe wa politiki, cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki bimenyekanisha, bikanagaragaza gahunda y'ibikorwa kugira ngo bishobore gutorwa.

Kwiyamamaza kw'Abakandida Depite batangwa n'imitwe ya politiki cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki cyangwa biyamamaza ku giti cyabo bizatangira ku wa mbere tariki ya 26 Kanama 2013 saa kumi n'ebiri za mugitondo (6:00 a.m) bikarangira ku cyumweru tariki ya 15 Nzeri 2013 saa kumi n'ebiri za mu gitondo (6:00 a.m).

Birabujije kwiyamamaza mu gihe kitagenwe n'amategeko.

### **Ingingo ya 68: Uburyo bwemewe gukoreshwa mu gihe cyo kwiyamamaza**

Mu kwiyamamaza, Umukandida ashobora gukoresha uburyo bukurikira:

1. amatangazo amanitse n'ibitambaro byanditseho,
2. gutanga amabaruwa n'inyandiko zigenewe abantu benshi,
3. inama z'imbwirwaruhame, radiyo, televiziyo n'itangazamakuru ryandika,
4. ubundi buryo bwose butanyuranije n'amategeko.

Komisiyo y'Ighugu y'Amatora ikora ku buryo abakandida ku giti cyabo, Imitwe ya Politiki n'Amashyirahamwe y'Imitwe ya Politiki biri mu ihiganwa bihabwa uburenganzira bungana bwo gukoresha itangazamakuru rya Leta.

Inyandiko (fliers), imipira, amafoto, ingofero, imyambaro n'ibindi bikoresho bitandukanye byamamaza umukandida bigiye guhabwa abantu benshi icyarimwe, byemerewe gutangirwa gusa mu gikorwa cyo kwiyamamariza ahantu hamenyekanishijwe kandi hemejwe n'inzego za Leta bireba.

**Ingingo ya 69: Uburyo umukandida wifuza kwiyamamaza mu binyamakuru bya Leta asaba uruhusa**

Umukandida wifuza kwiyamamaza mu bitangazamakuru bya Leta abisaba Komisiyo y'Ighugu y'Amatora mu nyandiko itangirwa icyemezo cy'iyakira kiriho umunsi n'isaha hasigaye nibura iminsi itanu (5) ngo umukandida yiyamamaze akagenera kopi Umuyobozi w'igitangazamakuru yifuza kuziyamamarizaho. Muri iyo nyandiko Umukandida agaragaza itariki n'amasaha yifuza kuziyamamazaho niba ari kuri radiyo cyangwa televiziyo by'Ighugu.

Nyuma yo kubitegurana n'Umuyobozi w'igitangazamakuru umukandida yifuza kuziyamamarizaho, Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora asubiza mu nyandiko umukandida amugaragariza itariki n'igihe yamerewe kwiyamamarizaho. Inyandiko isubiza umukandida itangwa nibura hasigaye amasaha mirongo ine n'umunani (48) mbere y'uko igikorwa cyo kwiyamamaza gitangira. Umukandida ashira umukono kuri iyo nyandiko yemeza ko yayakiriye. Iyo Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora adashubije, ubusabe bw'Umukandida bufatwa nk'aho bwemewe.

Mu gihe igitangazamakuru kitubahirije gahunda yahawe umukandida bidaturutse ku mukandida ubwe, ubuyobozi bw'igitangazamakuru bumugenera undi mwanya.

**Ingingo ya 70: Aho Abakandida bemerewe kumanika amafoto n'inyandiko zibamamaza.**

Abakandida bamanika ibibamamaza ku nyubako za Leta aho babyemerewe n'urwego rubifitiye ububasha. Icyo gihe ubwo burenganzira buhabwa abakandida bose ku buryo bungana. Iyo bashaka kumanika ibibamamaza ku nyubako cyangwa ku bikoresho by'abantu ku giti cyabo, abakandida babanza kubiherwa uburenganzira na ba nyiri inyubako cyangwa bene ibikoresho.

Kwiyamamaza hakoreshejwe ikoranabuhanga mu gihe cyagenewe igikorwa cyo kwiyamamaza biremewe.

Abakandida bagomba gukangurira ababashygikiye kwirinda guca, kwangiza no gusibanganya ifoto n'ibindi byose byamamaza undi mukandida.

Abakandida bagomba kumanura ibibamamaza bamanitse no guhagarika ibindi byose bibamamaza igihe cyo kwiyamamaza kirangiye ni ukuvuga ku cyumweru tariki ya 15 Nzeri 2013 guhera saa kumi n'ebiyiri za mugitondo (6:00 a.m). Kumanika ibyamamaza abakandida no gukoresha ubundi buryo bwose bwo kwiyamamaza birabujijwe ku munsi w'itora.

**Ingingo ya 71: Imenyekanisha ry'ahakorerwa igikorwa cyo **kwiyamamaza**.**

Ku bijyanye n'inama mbvirwaruhame, umukandida cyangwa uhagarariye umukandida amenyesha mu nyandiko Umuyobozi w'Akarere kaberamo igikorwa cyo kwiyamamaza, ahantu n'igihe kizakorerwa , hasigaye nibura amasaha makumyabiri n'ané (24). Kopi y'iyo nyandiko ikagenerwa Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Akarere. Iyo nyandiko itangwa mu masaha y'akazi kandi itangirwa icyemezo cy'iyakira.

**Ingingo ya 72: Uburyo bwo gukemura impaka iyo habayeho kugongana kw'ibikorwa byo kwiyamamaza**

Mu matora ataziguye, nta bikorwa byo kwiyamamaza birenga kimwe bishobora kubera icyarimwe mu Kagari kamwe ko mu Mirenge igize Umujyi wa Kigali. Nta bikorwa byo kwiyamamaza birenga kimwe bishobora kubera icyarimwe mu Murenge umwe wo mu Karere ko mu Ntara.

Iyo hamenyekanishijwe ibikorwa byo kwiyamamaza bibiri cyangwa birenze, uwamenyekanishije mbere ni we wemererwa. Ariko iyo uwamenyesheje mbere yari yarakoresheje ikindi gikorwa cyo kwiyamamaza cyangwa kwamamaza, kimwe cyangwa byinshi, uwemererwa ni uwahakoresheje ibikorwa bike.

**Ingingo ya 73: Icyemezo gihabwa uwamamaza umukandida**

Igikorwa cyo kwamamaza umukandida mu ruhame kigomba kuba giherekejwe n'icyemezo gitangwa n'abahagarariye inzego zemewe z'Umutwe wa Politiki akomokamo cyangwa gitangwa n'umukandida wigenga. Icyo cyemezo kigaragariza ko byamenyeshejwe Ubuyobozi bw'Akarere bw'aho kwamamaza bikorerwa.

**Ingingo ya 74: Ibibujijwe mu gihe cyo kwiyamamaza cyangwa kwamamaza umukandida**

Birabujijwe mu gihe cyo kwiyamamaza cyangwa kwamamaza umukandida:

- 1° Gukoresha umutungo wa Leta aho waba uri hose mu buryo bunyuranyije n'amategeko;
- 2° Gutuka cyangwa gusebya mu buryo ubwo ari bwo bwose undi mukandida;
- 3° Gutanga no kwakira ruswa;
- 4° Guhamagarira abatora kwiba amajwi cyangwa gukora ikindi gikorwa icyo ari cyo cyose n'imyitwarire yose byatuma amatora atagenda neza;
- 5° Gushingira ku ivangura iryo ariryo ryose n'amacakubiri.

**Ingingo ya 75: Ibibujijwe mu biganiro-mpaka no mu nama zinyuranye**

Mu biganiro mpaka no mu nama z'abaturage, abakandida n'ababahagarariye bagomba kwirinda gukoresha imvugo, amashusho n'ibimenyetso ibyo aribyo byose byateza imvururu cyangwa amacakubiri mu baturage.

Buri mukandida cyangwa abamuhagarariye bagomba kwirinda kuvuga undi mukandida cyangwa umuhagarariye ku byerekeye imibereho ye bwite, idini ayoboka, akarere akomokamo, ubwoko bwe cyangwa ikindi cyose gishingiye ku ivangura n'amacakubiri.

**Ingingo ya 76: Kumanika ibyamamaza abakandida kuri Ambasade**

Muri buri Ambasade hagenwa umwanya wo kumanikaho ibyamamaza abakandida. Uwo mwanya utangwa ku buryo bungana. Abakandida babyifusa nibo ubwabo bashyikiriza Ambasade ibyo bifuza kumanika.

**Ingingo ya 77: Igihe kigenerwa abiyamamaza ku myanya y'Abadepite batorwa mu buryo buziguye**

Mu gihe cyo kwiyamamaza, Abakandida batorwa mu buryo buziguye bagenerwa igihe kingana kugira ngo bageze ku nteko itora gahunda zabo.

**Ingingo ya 78: Gahunda yo kwiyamamaza kw'Abakandida Depite b'Abagore**

Abakandida Depite b'abagore batorwa n'inzego zihariye bagenerwa kandi bamenyeshwa na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora gahunda yo kwiyamariza ahantu nibura habiri (2) muri buri Karere, hasigaye nibura iminsi itanu (5) mbere y'igihe cyagenwe cyo kwiyamamaza.

Ariko buri Mukandida ubyifuje ashobora gutegura gahunda ye yihariye yo kwiyamamaza imbere y'Abagize inteko itora, akayimenesha mu nyandiko ubuyobozi bw'Akarere bw'aho yifuza kwiyamariza hasigaye nibura amasaha makumyabiri n'ané (24) kugira ngo yiyamamaze.

Ishami rya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ku rwego rw'Akarere k'aho ashaka kwiyamamariza rigenerwa kopi kugira ngo rishobore gukurikirana ukwiyamamaza kw'Abakandida.

**Ingingo ya 79: Gahunda yo kwiyamamaza kw'Abakandida b'Urubyiruko**

Abakandida ku myanya y'Abadepite bahagararira Urubyiruko biyamamaza ku munsi w'itora imbere y'abagize inteko itora ihurizwa hamwe ku rwego rw'Igihugu ahagenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Ariko, mbere y'umunsi w'itora, Umukandida ubyifuje ashobora gutegura gahunda ye yihariye yo kwiyamamaza imbere y'Abagize inteko itora, akayimenyesha mu nyandiko ubuyobozi bw'Akarere k'aho yifuza kwiyamamariza hasigaye nibura amasaha makumyabiri n'ané (24) kugira ngo yiyamamaze. Ishami rya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ku rwego rw'Akarere ryaho ashaka kwiyamamariza rigenerwa kopi kugira ngo rishobore gukurikirana ukwiyamamaza kw'Abakandida.

**Ingingo ya 80: Gahunda yo kwiyamamaza kw'Abakandida bafite ubumuga**

Abakandida ku mwanya w'Umudepite ufite ubumuga biyamamaza ku munsi w'itora imbere y'abagize Inteko itora, bahurizwa hamwe ku rwego rw'Igihugu ahagenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Ariko mbere y'umunsi w'itora, Umukandida ubyifuje ashobora gutegura gahunda ye yihariye yo kwiyamamaza imbere y'Abagize inteko itora, akayimenyesha mu nyandiko ubuyobozi bw'Akarere k'aho yifuza kwiyamamariza hasigaye nibura amasaha makumyabiri n'ané (24) kugira ngo yiyamamaze.

Ishami rya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ku rwego rw'Akarere ry'aho ashaka kwiyamamariza rigenerwa kopi kugira ngo rishobore gukurikirana ukwiyamamaza kw'Abakandida.

**Ingingo ya 81: Ibyemezo bifatirwa utubahiriza amategeko n'amabwiriza mu gikorwa cyo kwiyamamaza**

Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, umukandida ugaragaweho kwica amategeko n'amabwiriza mu kwiyamamaza atumizwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora kugira ngo yihanangirizwe bwa mbere ku mugaragaro mu magambo.

Iyo nyuma yo kwihanangirizwa atikosoye, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora imwandikira imwihanangiriza bwa nyuma.

Iyo umukandida akomeje kutubahiriza ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora imwandikira mu gihe kitarenze amasaha cumi n'abiri (12) akanamenyeshwa ingingo z'itegeko n'amabwiriza zitubahirije imumenyesha ko kandidatire ye yavanywe mu bakandida bemerewe kwiyamamaza.

Ku byerekeye ilisiti yatanzwe n'Umutwe wa Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ihamagaza ikanihanangiriza uwo Mutwe wa Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki ku mugaragaro mu magambo.

Iyo umukandida wagragaweho kwica amategeko mu kwiyamamaza atikosoye, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yandikira Umutwe wa Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki ibihanangiriza bwa nyuma.

Iyo uko kwica amategeko bikomeje, Komisiyo y'Ighugu y'Amatora isaba Umutwe wa Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki kuvana ku ilisiti yaho uwo mukandida mu gihe kitarenze amasaha cumi n'abiri (12) nyuma yo kugaragarizwa mu nyandiko irindi kosa yakoze.

Iyo Umutwe wa Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki ritabikoze, Komisiyo y'Ighugu y'Amatora ifata icyemezo cyo kumuvana ku ilisiti y'Abakandida mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) abarwa kuva Umutwe wa Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki bisabwe kumuvana ku ilisiti, bikamenyeshwa umutwe wa Politiki bireba, Umutwe wa Sena, Ihuriro nyunguranabitekerezo ry'imitwe ya politiki n'Urukiko rw'Ikirenga.

Uwavanywe mu bakandida afite uburenganzira bwo kuregera icyemezo cya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora mu nkiko zibifitiye ububasha mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) avanywe ku ilisiti y'abakandida. Icyakora, ntibibuza igikorwa cy'amatora gukomeza.

### **Ingingo ya 82: Ibyerekeye gukemura ibibazo bivuka mu kwiyamamaza**

Iyo havutse ibibazo mu gihe cyo kwiyamamaza, Abakandida bagomba kwiyambaza urwego rwa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora rwagenewe kopi mu gihe cyo kumenyesha igikorwa cyo kwiyamamaza cyangwa kwamamaza. Iyo ibibazo bidakemutse, haregerwa inzego z'ubutabera zibifitiye ububasha.

### **UMUTWE WA VII: IBIREBANA N'ITORA NYIRIZINA**

#### **ICYICIRO CYA MBERE: INGINGO RUSANGE**

### **Ingingo ya 83: Ahatorerwa**

Mu matora y'Abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite, ahashyirwa ibiro by'itora hagenwa na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo itora rikorwe.

Ibiro n'ibyumba by'itora bishyirwa mu nyubako za Leta cyangwa zikorerwamo imirimo ya Leta, n'ahandi hagenwa na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

Mu mahanga habera gusa amatora ataziguye. Ibiro by'itora bishyirwa ahantu hose hari Ambasade y'u Rwanda. Amaze kubiherwa uruhushya na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora, Ambasaderi ashobora gushyira ibiro by'itora ahandi hantu mu ifasi ya Ambasade ayobora.

### **Ingingo ya 84: Kugena umubare w'ibiro n'ibyumba by'itora**

Umubare w'ibiro by'itora ugenwa na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

Bitabangamiye ibiteganywa n'igika cya mbere cy'iyi ngingo, umubare w'ibiro by'itora ushingira ku mubare w'Utugari tugize Ighugu, naho umubare w'ibyumba by'itora ugenwa hashingiwe ku Midugudu igize utugari kandi hitawe no ku mubare w'abaturage biyandikishije ku ilisiti y'itora muri uwo Mudugudu n'imiterere y'ibiro by'itora.

### **Ingingo ya 85: Imyiteguro y'ahagenwe gutorerwa**

Abashinzwe gutoresha bagomba gutegura ibyumba by'itora babifashijwemo n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze, kugira ngo ku munsi w'itora abatora bazatorere ahantu hisanzuye kandi hakeye.

Abashinzwe gutoresha bagomba kandi kubaka ubwihugiko nibura bubiri (2) muri buri cyumba cy'itora bakoresheje ubushobozi bafite, no gutegura aho abantu bicara, ameza n'ibindi bikoresho bikenewe.

Ibiro by'itora bigomba kugira ibimenyetso bigaragaza ko habera amatora.

**Ingingo ya 86: Isaha abayobora amatora bagerera ku biro by'itora**

Ku munsi w'itora, abayobora amatora bagomba kuba bageze ku biro by'itora saa kumi n'ebyiri za mu gitondo (6:00 a.m) ni ukuvuga isaha imwe mbere y'isaha yo gutangiza itora.

**Ingingo ya 87: Ibikorwa by'ingenzi mbere yo gutangira gutora.**

Mbere yo gutangira gutora, ibikorwa bikurikirana ku buryo bukurikira:

1. Kurahira;
2. Kureba ko ibikoresho byose by'amatora biteganywa n'ingingo ya mirongo inani n'ebyiri (82) y'ay'amabwiriza bihari;
3. Gusobanurira abaturage uko amatora ari bugende;
4. Gufungura agasanduku k'itora no kwereka abaturage ko ntakrimo;
5. Gufunga agasanduku k'itora;
6. Kubarura impapuro z'itora ziri mu cyumba cy'itora;
7. Kugenzura ko ibikoresho byose by'itora biri mu mwanya wabyo;
8. Kugenzura imyanya y'abemerewe kuba mu cyumba cy'itora;
9. Kugena imyanya y'abemerewe kwicara mu cyumba cy'itora;
10. Kugenzura ko ubwihugiko bw'itora buteguye neza;
11. Kuzuza inyandikomvugo itangiza itora.

**Ingingo ya 88: Ibikoresho bikenerwa mu cyumba cy'itora**

Abashinzwe gutoresha bakimara kwakira ibikoresho by'itora, bagomba gusuzuma niba ibikoresho bikenewe muri buri cyumba bihari kandi bihagije.

Muri ibyo bikoresho hagomba kuba harimo:

1. Agasanduku k'itora n'imigozi y'ako;
2. Wino zose zikoreshwa mu cyumba cy'itora;
3. "Tampon"/Ink pad;
4. Kashe "yatoye";
5. Impapuro z'itora zitari hasi y'abari ku ilisiti y'itora;
6. Impapuro zibarurirwaho amajwi;
7. Ilisiti y'itora;
8. Itara rishobora gukoreshwa igihe bibaye ngombwa;
9. Amabahasha ya ngombwa;
10. Imigerekayateganyijwe igomba kuzuzwa.
11. Marikeri;
12. Imashini ibara;
13. Imakasi;
14. "Scotch";
15. Amakaramu;
16. "Stapler/Aggraffeuse" na staples/aggraffles.

**Ingingo ya 89: Igihe n'umuhango byo gutangira itora**

Amatora atangira saa moyo (07 :00 a.m) za mu gitondo. Perezida w'ibiro by'itora, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora n'Abaseseri barahirira imbere y'abaturage bahageze indahiro ikurikira:

«Jyewe,.....,

*ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro:*

- 1° *ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda ;*
- 2° *ko nzubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko;*
- 3° *ko nzaharanira uburenganzira bw`ibanze bwa muntu n`ibyagirira Abanyarwanda bose akamaro;*
- 4° *ko nzaharanira ubumwe bw'Abanyarwanda;*
- 5° *ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe;*
- 6° *ko ntazakoresha ububasha mpawe mu nyungu zanjye bwite.*

*Nintatira iyi ndahiro, nzabihaniwe n'amategeko.*

*Imana ibimfashemo ».*

Perezida w'ibiro by'itora, abanza kurahira wenyine mbere yo kuyobora umuhango w'irahira ry'abandi (abahuzabikorwa b'ibyumba by'itora n'abaseseri b'itora) imbere y'abaturage bahari. Abamaze kurahira bose bashyira umukono ku ndahiro zabo.

Imiterere y'inyandikomvugo y'indahiro igaragara ku mugereka wa **mbere (I)** w'aya mabwiriza.

#### **Ingingo ya 90: Ibisobanuro by'uko itora rikorwa**

Perezida w'ibiro by'itora, afatanyije n'abahuzabikorwa b'ibyumba by'itora, basobanurira muri make abaje gutora inzira banyuramo batora n'ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe gutora.

#### **Ingingo ya 91: Kuzuza inyandikomvugo itangiza itora**

Nyuma yo kurahira no gusobanurira Abaturage uko itora riri bugende amatora, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora yuzuza inyandikomvugo itangiza itora. Imiterere y'iyi nyandikomvugo igaragara ku mugereka wa **kabiri (II)** w'aya mabwiriza.

#### **Ingingo ya 92: Ibyangombwa uje gutora yitwaza**

Buri muntu wanditse ku ilisiti y'itora yemererwa gutora ari uko yerekanye ikimuranga n'ikarita y'itora bye. Iyo adafite kimwe muri ibyo, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora amwemerera gutora hamaze gukorwa igenzura. Imiterere y'ikarita y'itora igaragara ku mugereka wa **cumi na karindwi (XVII)** w'aya mabwiriza.

#### **Ingingo ya 93: Abemerewe gutorera aho batanditse kubera imirimo bakora**

Abemerewe gutorera aho batiyanditse kubera imirimo bakora ni aba bakurikira:

1. abashinzwe umutekano bari mu kazi;
2. abanyamakuru bakurikirana igikorwa cy'amatora bafite ikiranga akazi bakora;
3. abashinzwe imirimo y'amatora bashyizweho na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora kandi babifitiye ikibiranga;
4. abaganga cyangwa abakora imirimo y'ubutabazi bari mu kazi babifitiye ikibiranga;
5. abari mu butumwa bw'akazi barimo n'abahagarariye Imitwe ya Politiki, Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki cyangwa abahagarariye abakandida;

6. indorerezi z'Abanyarwanda zujuje ibisabwa;
7. Umunyarwanda uje mu Rwanda mu gihe cy'amatora ariko yariyandikishije ku lisiti y'itora yo muri Ambasade y'u Rwanda iri mu gihugu yarimo amaze kwerekana ikarita y'itora, urupapuro rw'inzira, n'icyemezo cyatanzwe n'abashinzwe kuyobora amatora muri Ambasade y'aho abarizwa;
8. Umunyarwanda wiyanndikishije mu gihugu, amatora akagera ari hanze y'Igihugu yemerewe gutorera aho ari yerekanye ikarita y'itora, urupapuro rw'inzira, n'icyemezo cyatanzwe n'abashinzwe kuyobora amatora mu Mudugudu atuyemo.

Hakorwa inyandikomvugo ku bantu batoreye aho batanditse. Iyo nyandikomvugo iragaragara ku mugereka **wa gatatu (III)** w'aya mabwiriza.

#### **Ingingo ya 94: Aho Abanyeshuri bari mu bigo by'amashuri batorera**

Abanyeshuri ba za Kaminuza n'Amashuri yisumbuye biga bacumbitse aho biga, batorera mu Midugudu iryo shuri rrimo, babanje kwerekana ikarita y'itora n'ikarita ndangamuntu yabo. Iyo bibaye ngombwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora igena ibiro by'itora byihariye mu bigo by'amashuri.

Abanyeshuri ba za Kaminuza n'Amashuri yisumbuye biga bataha batorera mu Midugudu biyandikishijemo babanje kwerekana ikarita y'itora n'ikarita ndangamuntu.

#### **Ingingo ya 95: Umubare w'abatorera mu cyumba cy'itora**

Icyumba cy'itora gitorerwamo n'abantu magana atanu (500) batuye mu mudugu umwe. Iyo kuri uwo mubare harengaho abantu batarenga magana abiri (200), nta kindi cyumba cy'itora kigenwa. Iyo abarengaho barenze magana abiri (200), hategurwa ibyumba by'itora birenze kimwe kandi bikurikirana, abatora bagatorera muri ibyo byumba by'itora hakurikijwe urutonde rw'inyuguti zibanza z'amazina yabo y'ikinyarwanda.

#### **Ingingo ya 96: Aboroherezwa gutora mbere y'abandi**

Abashinzwe umutekano bari mu kazi, abayobora amatora ku nzego zose, abasheshe akanguhe bafite intenge nke, ababyeyi bafite impinja cyangwa batwite, abafite ubumuga, abarwayi boroherezwa gutora mbere y'abandi babifashijwemo n'Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora.

#### **Ingingo ya 97: Abemerewe kwifashisha ababatorera**

Umuntu ufite ubumuga bwo kutabona cyangwa bw'amaboko butuma adashobora kwitorera cyangwa kwishyirira urupapuro rw'itora mu gasanduku, yemererwa kuzana umwana ufite nibura imyaka cumi n'ine (14) ariko utarageza ku myaka yo gutora kugira ngo amufashe gutora. Ufashwa gutora kubera ubumuga agomba kuba nawe ahibereye.

Uretse abantu bateganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo nta wundi wemerewe gutorera undi.

#### **Ingingo ya 98: Abemerewe kwinjira mu cyumba cy'itora**

Abemerewe kwinjira mu cyumba cy'itora igihe itora rrimo rikorwa ni:

1. Uje gutora;
2. Umwana uje gufasha utora;
3. Perezida w'ibiro by'itora;
4. Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora n'Abaseseri,
5. Abahagarariye Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (ku rwego rw'Umurenge, urw'Akarere, urw'Intara/Umujiyi wa Kigali no ku rwego rw'Igihugu) bafite ibibaranga;

6. Abahagarariye Abakandida batanzwe n'Imitwe ya Politiki, n'Amashyirahamwe y'Imitwe ya Politiki cyangwa abakandida bigenga bafite ibibaranga n'ibyemezo bahawe n'ababatumye;
7. Indorerezi z'amatora zabiherewe uburenganzira na Komisiyo y'Ighugu n'Amatora.

Ntawemerewe kwinjira mu bwiugiko bw'itora mu masaha yo gutora keretse Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora akaba nawe abyemerewe igihe nta muntu utora urimo, kugira ngo asuzume niba ibikoresho bikiri mu mwanya wabyo.

#### **ICYICIRO CYA 2: IBYEREKEYE ITORA RY'ABADEPITE BATORWA MU BURYO BUTAZIGUYE**

##### **Ingingo ya 99: Abadepite batorwa ku buryo butaziguye.**

Abadepite mirongo itanu na batatu (53) batorwa mu buryo butaziguye n'abaturage bose bujuje ibyangombwa byo gutora. Abatorwa mu buryo butaziguye baturuka ku malisiti y'Imitwe ya Politiki Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki cyangwa abakandida bigenga.

##### **Ingingo ya 100: Uburyo bwo gutondekanya Imitwe ya Politiki, Amashyirahamwe y'Imitwe ya Politiki n'Abakandida bigenga ku rupapuro rw'itora.**

Mu gutondekanya Amashyirahamwe y'Imitwe ya Politiki, Imitwe ya Politiki, n'Abakandida bigenga ku rupapuro rw'itora hakurikizwa uko kandidatire zakiriwe na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

##### **Ingingo ya 101: Imiterere y' urupapuro rw'itora ritaziguye**

Urupapuro rw'itora mu itora ry'Abadepite batorwa mu buryo butaziguye rugizwe n'utuzu dutatu mu buryo bukurikira:

1. Akazu ka mbere karimo izina ry'Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki, ry'Umutwe wa Politiki cyangwa ry'Umukandida wigenga;
2. Akazu ka kabiri karimo ikimenyetso cy'Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki, cy'Umutwe wa Politiki cyangwa cy'Umukandida wigenga;
3. Akazu ka gatatu gaterwamo igikumwe cyangwa kavivurwamo cyangwa gashyirwaho ikimenyetso "X" mu gihe cyo gutora.

Imiterere y'urupapuro rw'itora mu itora ritaziguye rugaragara ku mugereka wa **cumi na kane (XIV)** w'aya mabwiriza.

##### **Ingingo ya 102: Uburyo bwo kuzinga urupapuro rw'itora**

Umuseseri ushinzwe gutanga impapuro z'itora, agomba kwereka buri muntu ugiye gutora uburyo ari buzinge urupapuro rw'itora.

Mbere yo gutora, urupapuro rw'itora rugomba kugaragaza inzira n'imizingire yarwo ariko ujya gutora akaruhabwa rurambuye neza.

##### **Ingingo ya 103: Uburyo bwo gutora**

Utor atera igikumwe, akavivura cyangwa agashyira ikimenyetso "x" mu kazu kabugenewe gakurikira akarimo ikirango cy'Umutwe wa Politiki, Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki cyangwa umukandida wigenga ashaka gutora.

Itora rikorwa mu ibanga.

## **ICYICIRO CYA 3: ITORA RY'ABADEPITE BATORWA MU BURYO BUZIGUYE**

### **Ingingo ya 104: Abadepite batorwa ku buryo buziguye**

Abadepite makumyabiri na barindwi (27) ni ukuvuga 24 b' abagore, 2 bahagarariye urubyiruko n'umwe uftite ubumuga, batorwa mu buryo buziguye n'inteko itora yihariye kuri buri cyiciro.

### **Ingingo ya 105: Igihe itora riziguye ritangirira n'igihe risorezwa**

Ku badepite batorwa mu buryo buziguye, inteko itora igomba kuba yujuje nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize. Itora ritangira ari uko bibiri bya gatatu (2/3) by'abagize inteko itora byahageze. Itora rikorwa hagati ya saa moya za mugitondo na saa cyenda z'amanywa.

Iyo saa cyanda igeze bikagaragara ko bibiri bya gatatu (2/3) bitabonetse itora rirasubikwa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5). Iyo bibiri bya gatatu (2/3) bitabonetse ku nshuro ya kabiri itora rikorwa n'abaje.

Mu itora ry'Abadepite makumyabiri na bane (24) b'abagore, bibiri bya gatatu (2/3) by'abagize inteko itora bisuzumwa ku rwego rw'Intara cyangwa Umujiyi wa Kigali kuko ari byo bigize ifasi y'itora.

### **Ingingo ya 106: Imiterere y'urupapuro rw'itora mu matora y'abadepite batorwa mu buryo buziguye**

Urupapuro rw'itora mu matora y'abadepite batorwa mu buryo buziguye ni urupapuro ruriho urutonde rw'amazina y'abakandida akurikirana uko kandidatire zakiriwe na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

Urwo rupapuro ruba rugizwe n'utuzu dutatu mu buryo bukurikira:

1. Akazu ka mbere (1) karimo izina ry'umukandida;
2. Akazu ka kabiri (2) karimo ifoto y'umukandida;
3. Akazu ka gatatu (3) gaterwamo igikumwe cyangwa kavivurwamo cyangwa gashyirwaho ikimenyetso "X" mu gihe cyo gutora.

Imiterere y'urupapuro rw'itora mu matora y'Abadepite batorwa mu buryo buziguye igaragara ku mugureka wa **cumi na gatanu (XV)** w'aya mabwiriza.

### **Akiciro ka mbere: Itora ry'Abadepite makumyabiri na bane (24) b'Abagore**

### **Ingingo ya 107: Inteko itora Abadepite b'Abagore**

Inteko itora abadepite 24 b'Abagore n'aba bakurikira:

- 1° Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Ighugu y'Abagore ku rwego rw'Ighugu;
- 2° Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Ighugu y'Abagore ku rwego rw'Intara, cyangwa urw'Umujiyi wa Kigali;
- 3° Abagize Inama Njyanama z'Uturere tugize Intara cyangwa Umujiyi wa Kigali;
- 4° Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Ighugu y'Abagore ku rwego rw'Uturere tugize ifasi y'itora;
- 5° Abagize Inama Njyanama y'Imirenge igize ifasi y'itora;
- 6° Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Ighugu y'Abagore ku rwego rw'Imirenge yose igize ifasi y'itora;
- 7° Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Ighugu y'Abagore ku rwego rw'Utugari twose tugize ifasi y'itora;

8° Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Imidugudu yose igize ifasi y'itora.

**Ingingo ya 108: Aho amatora y'Abadepite b' Abagore abera**

Ku wa 17 Nzeri 2013, amatora y'Abadepite b'abagore azabera ku rwego rw'Akagari ahagenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

**Ingingo ya 109: Aho Abagize inteko itora batorera.**

Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Utugari, urw'Umurenge, urw'Akarere, urw'Intara n'urwego rw'Igihugu batorera mu Kagari batorewemo bwa mbere, mbere y'uko batorwa ku nzego zisumbuye mu matora y'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore.

Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Imidugudu batorera mu Kagari Umudugudu batorewemo bwa mbere ubarizwamo.

Abagize Inama Njyanama y'Akarere n'Abagize Inama Njyanama y'Umurenge batorera mu Kagari kamwe bihitiyemo bamenesha Komisiyo y'Igihugu y'Amatora . Ako Kagari kagomba kuba kari mu Murenge batowemo.

**Ingingo ya 110: Uburyo bwo gutora Abadepite b'Abagore**

Mu gutora Abadepite b'Abagore batorwa n'inzego zihariye hakurikijwe Intara /Umujiyi wa Kigali, utora atera igikumwe, cyangwa akavivura cyangwa agashyira ikimenyetso " x" mu kazu gakurikira amazina y'abakandida bari ku rupapuro rw'itora ariko batarenze umubare w'abadepite wagonwe gutorerwa mu Ntara /Umujiyi wa Kigali. Ni ukuvuga batandatu (6) mu Ntara y'Iburasirazuba, batandatu (6) mu Ntara Iburengerezuba, batandatu (6) mu Ntara y'Amajyepfo, bane (4) mu Ntara y'Amajyaruguru na babiri (2) mu Mujyi wa Kigali.

Akimara gutora azinga urupapuro rw'itora kugira ngo arushyire mu gasanduku k'itora.

**Akiciro ka 2: Itora ry'Abadepite babiri (2) b'Urubyiruko**

**Ingingo ya 111: Inteko itora abadepite b' Urubyiruko n'aho amatora azabera.**

Ku wa 18 Nzeri 2013, amatora azabera ku rwego rw'Igihugu ahagenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Inteko itora igizwe na Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rwa buri Karere no ku rwego rw'Igihugu, intumwa umunani (8) zihagarariye ihuriro ry'Igihugu ry'Urubyiruko rwiga mu mashuri makuru n'intumwa umunani (8) zihagarariye ihuriro ry'Igihugu ry'Urubyiruko rwiga mu mashuri yisumbuye.

**Ingingo ya 112: Uburyo bwo gutora Abadepite b' Urubyiruko.**

Mu gutora Abadepite b'Urubyiruko, utora atera igikumwe, cyangwa akavivura cyangwa akandika ikimenyetso "X" mu kazu gakurikira amazina y'abakandida bari ku rupapuro rw'itora ariko ntarenza umubare w'abadepite babiri (2) bagenewe urwo rwego mu Nteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite.

Akimara gutora azinga neza urupapuro rw'itora kugira ngo arushyire mu gasanduku k'itora.

**Akiciro ka 3: Itora ry'Umudepite ufite ubumuga**

**Ingingo ya 113: Inteko itora Umudepite ufite ubumuga n'aho itora rizabera**

Ku wa 18 Nzeri 2013, inteko itora izatorera ku rwego rw'Igihugu ahagenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Inteko itora igizwe n'aba bakurikira:

- 1° Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Igihugu;
- 2° Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Intara, cyangwa urw'Umujiyi wa Kigali;
- 3° Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Uturere.

**Ingingo ya 114: Uburyo bwo gutora Umudepite ufite ubumuga**

Mu gutora umudepite ufite ubumuga, utora atera igikumwe, cyangwa akavivura cyangwa agashyira ikiminenyetso "x" mu kazu gakurikira amazina y'abakandida bari ku rupapuro rw'itora ariko ntarenza Umudepite umwe wagenewe guhagararira Abafite ubumuga mu Nteko Ishinga Amategeko. Akimara gutora azinga neza urupapuro rw'itora kugira ngo arushyire mu gasanduku k'itora.

**ICYICIRO CYA 4: GUSOZA ITORA**

**Ingingo ya 115: Integuza yo gusoza itora**

Saa munani n'iminota mirongo itatu (2: 30 p.m) mbere yo gusoza itora, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora yibutsa abaje gutora bari ku murongo ko isaha yo gusoza iri hafi akabasaba kwihutisha igikorwa.

**Ingingo ya 116: Isaha yo gusoza itora**

Itora risozwa saa cyenda z'igicamunsi (3 :00 p.m). Nyuma y'iyo saha, Perezida w'ibiro by'itora akumira abaza gutora. Icyakora, iyo saa cyenda z'igicamunsi (3 :00 p.m) zigeze hari abaje gutora bakiri ku murongo kandi baje mbere y'iyo saha, abo bonyine nibo bemererwa gukomeza gutora kugeza ubwo barangije.

**Ingingo ya 117: Gusubika itora cyangwa kongera igihe cyo gutora**

Iyo habonetse impamvu zituma itora risubikwa cyangwa isaha yo gusoza itora yongerwa, Perezida w'ibiro by'itora, amaze kubimenesha no kugisha inama Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora afata icyemezo cyo gusubika cyangwa kongera igihe cyo gutora.

Uko byagenda kose, kongera igihe cy'itora ntibigomba kurenga saa kumi n'ebiyiri za nimugoroba (6 :00 p.m).

Imiterere y'inyandikomvugo isubika itora cyangwa yongera igihe cyo gutora igaragara ku mugereka wa gatatu (3) wometse kuri aya mabwiriza.

**Ingingo ya 118: Ibikorwa nyuma yo gusoza itora**

Itora rimaze kurangira umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora asuzuma ibi bikurikira:

1. Umubare w'abaturage banditswe ku ilisiti y'itora y'icyumba cy'itora;
2. Umubare w'abatoye bari ku ilisiti y'itora;

3. Umubare w'abatoreye muri icyo cyumba cy'itora batari ku ilisti y'itora ;
4. Umubare w'abatoye muri icyo cyumba cy'itora bose ;
5. Umubare w'abatoye neza ;
6. Umubare w'impapuro z'itora zakoreshejwe ;
7. Umubare w'impapuro z'itora zasigaye zitatoreweho ;

Nyuma y'ibi bikorwa, umuhuzabikorwa afunga mu ruhame agasanduku k'itora batoreyemo, agakora inyandikomvugo isoza itora. Imiterere y'iyo nyandikomvugo igaragara ku mugerekwa wa **gatanu** (V) w'aya mabwiriza.

### **UMUTWE WA VIII: KUBARURA AMAJWI**

#### **Ingingo ya 119: Gutangira kubarura amajwi**

Ibarura ry'amajwi ritangira igikorwa cyo gusoza itora kirangiye. Mbere yo gutangira kubarura amajwi, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora n'Abaseseri babanza gутегура inyandikomvugo n'ibindi bijyanye n'ibarura ry'amajwi.

Kubarura amajwi bikorwa mu ruhame, imbere y'Abaturage, indorerezi n' abahagarariye abakandida.

Iyo abantu bavugwa mu gika kibanziriza iki batari aho ibarura ry'amajwi ribera, ntibibuza abashinzwe igikorwa cy'amatora gukora ibyo bashinzwe kandi ntibitesha agaciro ibyavuye mu matora.

#### **Ingingo ya 120: Aho ibarura ry'amajwi rikorerwa n'abarishinzwe**

Kubarura amajwi bikorerwa muri buri cyumba amatora yabereyemo. Bikorwa n'abaseseri, kandi bikayoborwa n'Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora.

#### **Ingingo ya 121: Uko ibikorwa by'ibarura ry'amajwi bikurikirana**

Ababarura amajwi bakora ibi bikurikira kandi babikurikiranyije:

- 1° kwemeza umubare w'abatoye bari kuri lisiti y'itora no kuwutangaza;
- 2° gufungura agasanduku k'itora mu ruhame, kubarura impapuro zatoreweho zarimo no gutangaza umubare wazo;
- 3° umwe mu baseseri aherezza mugenzi we urupapuro rw'itora rurambuye na we akarusoma mu ijwi riranguruye. Uwa gatatu mu baseseri ashyyira ijwi riri kuri urwo rupapuro rw'itora ku rundi rupapuro rwabigenewe rubarurirwaho amajwi rumanikwa ahagaragarira buri wese uhari cyangwa ikindi cyateganyijwe na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora;
- 4° iyo impapuro zose z'itora zimaze gusomwa, habarurwa amajwi buri mukandida, cyangwa ilisiti y'abakandida babonye hashingiye ku mpapuro zatoreweho neza hakanabarurwa impapuro z'impabusa zisobanurwa mu ngingo ya 122 y'aya mabwiriza. Abaseseri b'icyumba cy'itora bemeza ibyagaragajwe ku mpampuro zabaruriweho amajwi bazishyiraho umukono. Imikono y'ababaruye amajwi igomba kubanzirizwa n'amazina yose na nimero z'amakarita y'itora yabo.

Abahagarariye abakandida bahari bashobora nabo gushyira umukono ku mpapuro z'ibarura ry'amajwi. Iyo batazishyizeho umukono ntibitesha agaciro amajwi yabarue. Gutangaza ibyavuye mu ibarura bikorwa ako kanya ibarura rirangiye;

- 5° abashinzwe itoresha mu cyumba cy'itora begeranya ibyavuye mu ibarura ry'amajwi;
- 6° umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora n'abandi bashinzwe amatora mu cyumba cy'itora bakora nta kubisubika, inyandikomvugo y'ibyo bikorwa ku mpapuro zabigenewe. Iyo nyandikomvugo igaragaza ibikurikira:
- isaha y'itangizwa n'isozwa ry'itora, uko ibyangombwa bisabwa n'itegeko n'amabwiriza bigenga amatora byatunganyijwe n'ibibazo byagiye bivuka muri ibyo bikorwa by'amatora iyo bihari;
  - umukono w'abagize komite itoresha ku cyumba cy'itora, uw'abakandida cyangwa ababahagarariye, n'uw'abahagarariye amalisiti y'abakandida. Ariko iyo abahagarariye abakandida cyangwa amalisiti y'abakandida badashyize umukono ku nyandikomvugo ntibiyibuza kwemerwa.  
Abahagarariye abakandida cyangwa amalisiti y'abakandida bafite uburenganzira bwo kugenzura ibikorwa byose by'ibarura ry'amajwi ndetse no gusaba ko mu nyandikomvugo handikwamo ibyo bagenzuye, cyangwa ibyo batemeranyijweho;

7° inyandikomvugo y'umwimerere ihabwa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora iba ikubiyemo ibi bikurikira:

- umubare w'abatora bari kuri lisiti y'itora;
- umubare w'abatoye ;
- umubare w'abatoye mu cyumba cy'itora batari ku ilisiti y'itora y'icyo cyumba cy'itora;
- umubare w'impapuro z'itora bahawe;
- umubare w'impapuro z'itora zatoreweho neza
- umubare w'impapuro z'imfabusa;
- umubare w'impapuro z'ibirego, iyo bihari;
- umubare w'impapuro zabaruriweho amajwi;
- umubare w'impapuro z'itora zitakoreshejwe;

8° umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora ashyira iyo nyandiko mu ibahaha ifunzwe ku buryo bwizewe, igaterwaho kashe mu ruhame mu cyumba cy'itora. Iyo bahasha ishyirwa mu gasanduku k'itora k'icyo cyumba cy'itora hamwe n'impapuro zitora zatoreweho n'izitatoreweho akabishyikiriza Perezida w'ibiro by'itora. Nawe iyo amaze guhuriza hamwe ku rwego rw'ibiro by'itora ibyavuye mu matora kuri buri cyumba cy'itora, abyoherereza urwego rw'Akarere abinyujije ku ushinzwe guhuza imirimo y'amatora ku rwego rw'Umurenge

### **Ingingo ya 122: Impfabusa**

Urupapuro rw'itora ruba impfabusa iyo:

- rudahuje n'ibiteganywa n'Itegeko cyangwa amabwiriza ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora bigenga amatora,
- ruriho ibimenyetso binyuranye n'ibyatateganyijwe gukoreshwa,
- rutagaragaza bihagije umukandida watowe ;
- rwashyizwe mu gasanduku ariko rutatoreweho;
- rwanditseho ibindi bintu.

### **Ingingo ya 123: Ikimenyetso cy'itora cyashyizwe mu mwanya w'izina ry'umukandida .**

Ikimenyetso cy'itora; (igikumwe, kuvivura cyangwa ikimenyetso "x") cyashyizwe mu mwanya w'izina cyangwa w'ikiranga umukandida kibarwamo ijwi rye. Iyo cyatewe hagati y'ibiranga abakandida babiri, icyo gihe urupapuro ruba impfabusa.

### **Ingingo ya 124: Isubikwa ry'ibarura ry'amajwi**

Kubarura amajwi ntibigomba guhagarikwa, bigomba gukorwa kugeza birangiyе uretse iyo habaye impamvu zidasanzwe. Gusubukura ibarurwa ry'amajwi bikorwa mu gihe kitarenze amasaha cumi n'abiri (12) uhereye isubika ry'ibarura ry'amajwi. Gusubika ntibibuza izindi gahunda z'amatora gukomeza.

Igikorwa cyo gusubika ibarura ry'amajwi gikorerwa inyandikomvugo. Imiterere y'yo nyandikomvugo igaragara ku mugerekwa wa **gatandatu (VI)** w'aya mabwiriza.

### **Ingingo ya 125: Kumenyekanisha ibyavuye mu ibarura ry'amajwi mu cyumba cy'itora**

Iyo ibarura ry'amajwi rirangiye, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora ahita amenyesha abari aho ibyavuye muri iryo barura.

Ibimenyekanishwa ni ibi bikurikira:

1. umubare w'abagombaga gutora bari ku ilisiti y'itora y'icyo cyumba;
2. umubare w'abatoye bari ku ilisiti y'itora y'icyo cyumba;
3. umubare w'abatoye batari ku ilisiti y'itora ry'icyo cyumba;
4. umubare w'abatoye neza muri icyo cyumba;
5. umubare w'impapuro z'itora zatoreweho muri icyo cyumba;
6. umubare w'amajwi buri mukandida yabonye muri icyo cyumba;
7. umubare w'impapuro z'itora zabaye impfabusa muri icyo cyumba;
8. umubare w'impapuro z'itora zasigaye zidatoreweho muri icyo cyumba.

Nyuma yo gusuzuma imibare ivugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo, ababaruye amajwi bakora inyandikomvugo y'ibarura ry'amajwi mu cyumba cy'itora. Imiterere y'yo nyandikomvugo igaragara ku mugerekwa wa **karindwi (VII)** w'aya mabwiriza.

Ababaruye amajwi bandika amazina yabo ku nyandikomvugo yabugenewe yabaruriweho amajwi, bagashyiraho n'imikono yabo.

### **Ingingo ya 126: Ihuzwa ry'ibyavuye mu matora**

Guhuza ibyavuye mu matora bikorerwa ku biro bya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora kuri buri rwego ruhurizwaho ibyavuye mu matora.

### **Ingingo ya 127: Ihuzwa ry'ibyavuye mu matora ku biro by'itora**

Ihurizwa hamwe y'ibyavuye mu matora mu byumba by'itora bikorerwa ku biro by'itora bigakorwa na Perezida w'ibiro by'itora afatanyije n'Abahuzabikorwa b'ibyumba by'itora bigize ibyo biro by'itora.

Mu guhuriza hamwe ibyavuye mu matora bashingira ku byavuye mu matora mu byumba by'itora bigize ibyo biro by'itora.

Ihuzwa ry'ibyavuye mu matora rigaragaza imibare ikurikira:

1. umubare w'abagombaga gutora bari ku ilisiti y'itora z'ibyumba bigize ibyo biro by'itora ;
2. umubare w'abatoye bari ku ilisiti y'itora z'ibyumba bigize ibiro by'itora;
3. umubare w'abatoye batari ku ilisiti y'itora z'ibyumba bigize ibiro by'itora;
4. umubare w'abatoye neza mu byumba bigize ibiro by'itora;
5. umubare w'impapuro z'itora zatoreweho mu byumba bigize ibiro by'itora ;

6. umubare w'amajwi buri mukandida yabonye mu byumba bigize ibiro by'itora ;
7. umubare w'impapuro z'itora zabaye impfabusa mu byumba bigize ibiro by'itora ;
8. umubare w'impapuro z'itora zasigaye zidatoreweho mu byumba bigize ibiro by'itora .

Perezida w'ibiro by'itora amenyesha abantu bahari ibyavuye mu matora kandi akuzuza inyandikomvugo ikorwa hakurikijwe imiterere y'umugereka wa **munani (VIII)** w'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 128: Ihuzwa ry'ibyavuye mu matora ku rwego rw'Akarere no ku rwego rw'Ighugu**

Perezida w'ibiro by'itora ashira inyandikomvugo y'ibyavuye mu matora ku rwego rw'ibiro by'itora mu ibahasha yabugenewe, akandika amazina na numero y'ibiro by'itora, akayifunga neza hanyuma akayohereza Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Umurenge nawe akayishyikiriza Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Akarere.

Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Akarere, amaze guhuriza hamwe amajwi ya buri mukandida yavuye mu biro by'itora bigize Akarere, amenyesha abantu bahari ibyavuye mu matora, akanakora inyandiko mvugo yabigenewe bikohereza Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora ku rwego rw'Ighugu mu ibahasha ifunze iteyeho kashe. Akoresha kandi ubundi buryo bwihuse bushoboka bwagenwe na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

Imiterere y'inyandikomvugoakoresha igaragara ku mugereka wa **cyenda (IX)** w'aya mabwiriza.

Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'amatora ahuriza hamwe ibyavuye mu matora mu Gihugu no muri za Ambasade akabitangaza by'agateganyo mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) itora rirangiye.

Imiterere y'inyandikomvugoakoresha igaragara ku mugereka wa **cumi (X)** w'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 129: Ihuzwa ry'ibyavuye mu itora ry'Abadepite b'abagore**

Nyuma y'itora, Perezida w'ibiro by'itora afatanyije n'abaseseri yegeanya ibyavuye mu ibarura ry'amajwi agakora inyandikomvugo ikubiyemo ibi bikurikira:

1. Umubare w'abagombaga gutora bari ku ilisiti y'itora ;
2. Umubare w'abatoye;
3. Umubare w'impapuro zitora bahawe;
4. Umubare w'abatoye neza;
5. Umubare w'impapuro z'itora zatoreweho neza;
6. Umubare w'impabusa;
7. Umubare w'impapuro zasigaye zidatoreweho.
8. Amajwi ya buri mukandida.

Perezida w'ibiro by'itora amenyesha abantu bahari ibyavuye mu matora.

Perezida w'ibiro by'itora ashira inyandikomvugo y'ibyavuye mu matora ku rwego rw'ibiro by'itora mu ibahasha ifunze neza ku buryo bwizewe agateraho kashe mu ruhame, akandika amazina y'ibiro by'itora, akayifunga neza akayohereza Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Umurenge.

Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Umurenge, amaze guhuriza hamwe amajwi ya buri mukandida yavuye ku Tugari tugize Umurenge, amenyesha abahari ibyavuye mu matora, akanakora inyandikomvugo yabigenewe bikohereza Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Akarere.

Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Akarere, amaze guhuriza hamwe amajwi ya buri mukandida yavuye ku Mirenge igize Akarere, amenyesha abahari ibyavuye mu matora, akanakora inyandikomvugo yabigenewe bikohhererezwa Umuhuzabikorwa ku rwego rw'Intara/Umujiyi wa Kigali.

Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Intara cyangwa Umujiyi wa Kigali, amaze guhuriza hamwe amajwi ya buri mukandida yavuye mu Turere twose tugize Intara cyangwa Umujiyi wa Kigali, amenyesha abahari ibyavuye mu matora, akanakora inyandimvugo yabigenewe bikohhererezwa Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora mu ibahasha ifunze neza iteyeho kashe. Akoresha kandi ubundi buryo bwihuse bushoboka bwagenwe na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

**Ingingo ya 130: Ihuzwa ry'ibyavuye mu matora y'Abadepite babiri (2) b'Urubyiruko**

Nyuma y'itora ry' Abadepite babiri (2) b'Urubyiruko, Perezida w'ibiro by'itora, afatanyije n'abaseseri yegeranya ibyavuye mu ibarura ry'amajwi agakora inyandikomvugo ikubiyemo ibi bikurikira:

1. Umubare w'abagombaga gutora bari ku ilisiti y'itora ;
2. Umubare w'abatoye;
3. Umubare w'impapuro zitora bahawe;
4. Umubare w'abatoye neza;
5. Umubare w'impapuro z'itora zatoreweho neza;
6. Umubare w'imfabusa;
7. Umubare w'impapuro zasigaye zidatoreweho.
8. Amajwi ya buri mukandida.

Perezida w'ibiro by'itora amenyesha abantu bahari ibyavuye mu matora.

Perezida w'ibiro by'itora ashyira inyandikomvugo y'ibyavuye mu matora ku rwego rw'ibiro by'itora mu ibahasha ifunze neza ku buryo bwizewe agateraho kashe mu ruhame, akayohhererezwa Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

**Ingingo ya 131: Ihuzwa ry'ibyavuye mu itora ry'Umudepite uftite ubumuga**

Nyuma y'itora ry' Umudepite uftite ubumuga, Perezida w'ibiro by'itora , afatanyije n'abaseseri yegeranya ibyavuye mu ibarura ry'amajwi agakora inyandikomvugo ikubiyemo ibi bikurikira:

1. Umubare w'abagombaga gutora bari ku ilisiti y'itora ;
2. Umubare w'abatoye;
3. Umubare w'impapuro zitora bahawe;
4. Umubare w'abatoye neza;
5. Umubare w'impapuro z'itora zatoreweho neza;
6. Umubare w'imfabusa;
7. Umubare w'impapuro zasigaye zidatoreweho.
8. Amajwi ya buri mukandida.

Perezida w'ibiro by'itora amenyesha abantu bahari ibyavuye mu matora.

Perezida w'ibiro by'itora ashyira inyandikomvugo y'ibyavuye mu matora ku rwego rw'ibiro by'itora mu ibahasha ifunze neza ku buryo bwizewe agateraho kashe mu ruhame, akayohhererezwa Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

**Ingingo ya 132: Ahamanikwa inyandiko zahurijweho ibyavuye mu matora.**

Inyandiko zahurijweho ibyavuye mu matora zimanikwa kuri buri rwego rwabereyeho ihuzwa ry'amajwi yavuye mw'itora.

**Ingingo ya 133: Gushyingura impapuro z'itora**

Nyuma yo kubarura amajwi, buri gasanduku k'itora karimo impapuro z'itora zatoreweho n'izitatoreweho karafungwa hakoreshejwe ibikoresho byabugenewe.

Udusanduku turimo impapuro zirebana n'itora dushyingurwa agenwa na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora kugeza igithe hatangarijwe burundu ibyavuye mu matora.

**Ingingo ya 134: Isaranganywa ry'imyanya ku badepite batorwa mu buryo buziguye**

Ku byerekeye abakandida b'abadepite batorwa mu buryo buziguye, abarushije abandi amajwi nibo baba batowe hashingiwe ku mubare w'imyanya buri rwego rwagenewe mu Nteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite.

Iyo hari abanganyije amajwi ku mwanya wa nyuma, amatora asubirwamo ku banganyije mu gihe kitari hejuru y'amasaha mirongo ine n'umunani (48) kandi utora agahitamo umuntu umwe gusa.

Iyo hongeye kuba kunganya amajwi ku nshuro ya kabiri, hakoreshw tombola ku bongeye kunganya amajwi hakurikijwe uburyo buteganywa n'ingingo ya 135 y'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 135: Uburyo tombola ikorwa**

Mu gukoresha tombola abayobora amatora bariherera bagategura udupapuro tungana n'umubare w'abanganyije amajwi. Agapapuro kamwe kandikwaho "YEGO" utundi tukandikwaho "OYA". Hatombora gusa abakandida banganyije amajwi. Ufata mbere agapapuro ni ufite izina rya mbere ry'ikinyarwanda ribanzirizwa n'inyuguti iza mbere ku rutonde rw'inyuguti.

Uhisemo agapapuro kanditseho "YEGO" niwe uba utowe.

**Ingingo ya 136: Gutangaza ibyavuye mu matora n'igihe bikorerwa**

Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora niwe utangaza by'agateganyo na burundu ibyavuye mu matora. Gutangaza by'agateganyo ibyavuye mu matora bikorwa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) itora rirangiye. Atangaza burundu ibyavuye mu matora mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) nyuma yo gutangaza by'agateganyo ibyavuye mu matora.

Mu gihe habaye impaka, Urukiko rw'Ikirenga ni rwo rugaragaza ku buryo budasubirwaho ibyavuye mu matora.

**UMUTWE WA IX: IMIGENDEKERE Y'IGIKORWA CY'AMATORA KU BANYARWANDA  
BARI MU MAHANGA**

**Ingingo ya 137: Aho amatora abera**

Mu mahanga itora ry'Abadepite batorwa ku buryo butaziguye, ribera muri Ambasade cyangwa ahandi hagenwa na Ambasade zibyumvikanyeho na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora, hagamijwe korohereza abatora.

**Ingingo ya 138: Umunsi w'itora muri Ambassade**

Mu matora y'Abadepitebatorwa ku buryo butaziguye, abanyarwanda baba mu mahanga bazatora ku wa 15/09/2013.

**Ingingo ya 139: Igihe itora ritangirira n'igihe rirangirira**

Amatora muri za Ambasade zose atangira saa moya za mugitondo (7 :00 a.m) akarangira saa cyenda z'igicamunsi (3 :00 p.m) hakurikijwe amasaha ya buri gihugu. Icyakora iyo bibaye ngombwa , kongera igihe cy'itora, bikorwa hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 117 y'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 140: Abemerewe gutora muri Ambassade**

Kugira ngo yemererwe gutora Umunyarwanda uba mu mahanga, agomba kuba yanditse ku ilisiti y'itora, afite nibura kimwe mu byangombwa bitangwa n'Inzego z'Ubuyobozi bw'u Rwanda zibifitiye ububasha aribyo ikarita ndangamuntu, Urwandiko rw'inzira « Passeport », “carte consulaire”, n'ikarita y'itora.

Umunyarwanda wiyanidikishije mu Rwanda, amatora akagera ari hanze y'Ighugu yemerewe gutorera aho ari yerekanye ikarita y'itora n'urupapuro rw'inzira.

**Ingingo ya 141: Abayobora amatora**

Amatora ayoborwa n'abakozi b'Abanyarwanda ba Ambasade cyangwa abandi banyarwanda bemerewe gutora bahawe ububasha n'Umuhuzabikorwa w'iyo Ambasade bamenyeshwa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora nibura iminsi icumi (10) mbere y'umunsi w'itora.

**Ingingo ya 142: Umuhuzabikorwa w'amatora muri Ambasade**

Ambasaderi niwe Muhuzabikorwa w'amatora mu ifasi ahagarariyemo u Rwanda. Iyo atabonetse, umusimbura mu mirimo ye niwe ukora ako kazi.

**Ingingo ya 143 : Ibarura n'ihuzwa ry'ibavuye mu matora muri Ambasade**

Muri Ambasade n'ubwo itora rizaba ku itariki ya 15/09/2013, ibarura n'ihuzwa ry'amajwi rigomba gukorwa tariki 16/09/2013 bitari mbere ya saa cyenda z'amanywa (3:00 p.m) z'amasaha yo mu Rwanda.

Umuhuzabikorwa w'amatora ashikiriza Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora inyandiko y'ibavuye mu matora mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ané (24) itora rirangiye, hakoreshejwe uburyo bugenwa na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora nk'uko bivugwa mu ngingo 128 y'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 144: Kubika ibikoresho by'itora.**

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 133 y'aya mabwiriza, nyuma y'itora, kuri buri biro by'itora bigenwa na Ambasade, hagomba gukusanywa ibikoresho by'itora byakoreshejwe.

Hakorwa inyandiko igaragaza ubwoko bw'ibikoresho n'umubare wabyo kandi bikabikwa neza muri Ambasade.

**UMUTWE WA X: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 145: Inzego zikurikirana uwanyuranyije n'amategeko**

Perezida w'ibiro by'itora afite uburenganzira, amaze kubikorera inyandikomvugo, bwo gusaba Polisi y'Ighugu gufata no gukurikirana umuntu uwo ariwe wese ukora cyangwa ukekwaho gukora ibinyuranyije n'amategeko n'amabwiriza agenga amatora. Kopi y'iyo nyandikomvugo igenerwa Perezida

wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora. Imiterere y'yo nyandiko igaragara ku **mugereka wa cumi na rimwe (XI)** w'aya mabwiriza.

Ku nzego zose, iyo abayobora amatora banyuranyije n'amategeko n'amabwiriza agenga amatora, bakurikirinwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.

Iyo habaye ikibazo mu ifasi ya Ambasade y'u Rwanda, Umuhuzabikorwa w'amatora muri iyo fasi iyambaza inzego z'umutekano z'Ighugu amatora aberamo.

**Ingingo ya 146: Amabwiriza y'inyongera**

Komisiyo y'Ighugu y'Amatora ishobora gutanga andi mabwiriza yuzuza aya, igihe cyose bibaye ngombwa. Ayo mabwiriza ashobora gutangwa hakoreshejwe ubundi buryo ubwo aribwo bwose bitabaye ngombwa ko atangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Ingingo ya 147: Iyubahirizwa ry'aya mabwiriza**

Usibye ingingo zihariye zerekeye itora rikorerwa mu Gihugu, izindi ngingo zose z'aya mabwiriza zubahirizwa mu ifasi ya Ambasade nk'uko zubahirizwa mu Gihugu.

**Ingingo ya 148: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya mabwiriza**

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya, kandi zinyuranye nayo zivanyweho.

**Ingingo ya 149: Ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Bikorewe i Kigali, kuwa 23/07/2013

(sé)  
**Prof. Kalissa Mbanda**  
**Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.**

**UMUTWE WA XI: IMIGEREKA KU MABWIRIZA N° 03/2013 YO KU WA 23/07/2013 YA KOMISIYO Y'IGHUGU Y'AMATORA YEREKEYE AMATORA RY'ABAGIZE INTEKO ISHINGA AMATEGEKO, UMUTWE W'ABADEPITE ATEGANI JWE MURI NZERI 2013.**



REPUBLIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

B.P. 6449 KIGALI

Tél. 0252 597800/0252 597801/0252 597802

Fax : 0252 597851

E-mail : [comeleena@rwanda1.com](mailto:comeleena@rwanda1.com)

Website : [www.nec.gov.rw](http://www.nec.gov.rw)



UMUGEREKA WA MBERE : INDAHIRO Y'ABAYOBORA AMATORA

Umujiyi wa Kigali/ Intara ya .....  
Akarere ka.....  
Umurenge wa .....  
Ibiro by'itora bya.....  
Icyumba cy'itora cya .....

«Jyewe, .....,

ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro:

- 1° ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda ;
- 2° ko nzubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko;
- 3° ko nzaharanira uburenganzira bw`ibanze bwa muntu n`ibyagirira Abanyarwanda bose akamaro;
- 4° ko nzaharanira ubumwe bw'Abanyarwanda;
- 5° ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe;
- 6° ko ntazakoresha ububasha mpawe mu nyungu zanjye bwite.

Nintatira iyi ndahiro, nzabihaniwe n'amategeko.

Amazina n'umukono by'umaze kurahira

Amazina n'umukono by'umaze kurahiza

**Bibonye kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Amabwiriza N° 03/2013 ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yo ku wa 23/07/2013 yerekeye amatora y'Abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite ateganyijwe muri Nzeri 2013.**

(sé)

**Prof. Kalisa Mbanda**  
**Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.**



REPUBLIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

B.P. 6449 KIGALI

Tél. 0252 597800/0252 597801/0252 597802

Fax : 0252 597851

E-mail : [comeleena@rwanda1.com](mailto:comeleena@rwanda1.com)

Website : [www.nec.gov.rw](http://www.nec.gov.rw)



UMUGEREKA WA II : INYANDIKOMVUGO ITANGIZA ITORA MU CYUMBA CY'ITORA

Umujiyi wa Kigali/ Intara ya .....

Akarere ka.....

Umurenge wa .....

Ibiro by'itora bya.....

Icyumba cy'itora cya .....

Umwaka wa .....ukwezi kwa .....umunsi wa .....

Twebwe....., Umuhuzabikorwa w'amatora mu cyumba cy'itora n'abaseseri b'itora dutangije itora mu cyumba cy'itora cya..... ku buryo bukurikira :

- 1) Twagenzuye udusanduku tw'itora dusanga nta mpapuro zirimo.
- 2) Umubare w'abiyandikishije bari ku ilisiti y'itora batorera mu cyumba cy'itora
- 3) Umubare w'impapuro z'itora twahawe
- 4) Itora ritangiye saa

**Amazina n'imikono by'abayoboye amatora ku cyumba cy'itora:**

1. ....(umuhuzabikorwa w'icyumba);
2. ....(umuseseri);
3. ....(umuseseri);
4. ....(umuseseri);

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Amabwiriza N° 03/2013 ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yo ku wa 23/07/2013 yerekeye amatora y'Abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite ateganyijwe muri Nzeri 2013.**

(sé)

**Prof. Kalisa Mbanda**

**Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.**



REPUBLIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

B.P. 6449 KIGALI

Tél. 0252 597800/0252 597801/0252 597802

Fax : 0252 597851

E-mail : [comeleena@rwanda1.com](mailto:comeleena@rwanda1.com)

Website : [www.nec.gov.rw](http://www.nec.gov.rw)



**UMUGEREKA WA III: ABANTU BABYEMEREWE BATOREYE AHO BATANDITSE**

Umujiyi wa Kigali / Intara ya.....  
Akarere ka.....  
Umurenge wa.....  
Ibiro by'itora bya.....  
Icyumba cy'itora cya .....

N°	AMAZINA	NOMERO Y'IKIMURANGA	NOMERO Y'IKARITA Y'ITORA	IGITSIN A	ICYO AKORA
1					
2					
3					
4					
5					
6					
7					
8					
9					
10					

Amazina n'umukono by'umuhuzabikorwa w'i cyumba cy'itora:

.....  
.....  
**Bibonye kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Amabwiriza N° 03/2013 ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yo ku wa 23/07/2013 yerekeye amatora y'Abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite ateganyijwe muri Nzeri 2013.**

(sé)

**Prof. Kalisa Mbanda**  
**Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora**



**REPUBLIKA Y'U RWANDA**

**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

**B.P. 6449 KIGALI**

**Tel. 0252 597800/0252 597801/0252 597802**

Fax : 0252 597851

E-mail : [comelena@rwanda1.com](mailto:comelena@rwanda1.com)

Website : [www.nec.gov.rw](http://www.nec.gov.rw)



**UMUGEREKA WA IV : INYANDIKOMVUGO ISUBIKA ITORA CYANGWA YONGERA  
IGIHE CYO GUTORΑ**

Umujiyi wa Kigali/ Intara ya/.....

Akarere ka.....

Umurenge wa.....

Ibiro by'itora bya.....

Umwaka wa.....ukwezi kwa....., umunsi wa.....,  
twebwe....., Perezida w'ibiro by'itora bya .....

Tumaze kubona ko gutora bidashoboka kubera impamvu zikurikira:

Tumaze kubisaba no kubiherwa uburenganzira na Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora,  
Dusubitse itora mu cyumba cy'itora / ku biro by'itora kugira ngo rikomeze kuwa .....

Tumaze kubona ko abagombaga gutorera mu cyumba cy'itora/ku biro by'itora bataratora  
bose kubera impamvu zikurikira:.....

Tumaze kubisaba no kubiherwa uburenganzira na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora,

Twongereye igihe cyo gutora kugirango itora risozwe saa.....

**Amazina n'umukono by'abayobora amatora**

1. ....(Perezida w'ibiro by'itora) ;
2. ....(umuhuzabikorwa w'amatora ku cyumba cy'itora);
3. ....(umuseseri);
4. ....(umuseseri);
5. ....(umuseseri);

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Amabwiriza N° 03/2013 ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yo ku wa 23/07/2013 yerekeye amatora y'Abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite ateganyijwe muri Nzeri 2013.**

(sé)

**Prof. Kalisa Mbanda**  
**Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora**



**REPUBLIKA Y'U RWANDA**



**KOMISIYO Y'IGHUGU Y'AMATORA**

B.P. 6449 KIGALI

Tél. 0252 597800/0252 597801/0252 597802

Fax : 0252 597851

E-mail : [comelena@rwanda1.com](mailto:comelena@rwanda1.com)

Website : [www.nec.gov.rw](http://www.nec.gov.rw)

---

**UMUGEREKA WA V : INYANDIKOMVUGO ISOZA ITORA**

Umujiyi wa Kigali/ Intara ya /.....

Akarere ka.....

Umurenge wa.....

Ibiro by'itora.....

Umwaka wa.....ukwezi kwa....., umunsi wa....., twebwe.....  
....., Perezida w'ibiro by'itora bya.....

Tumaze kubona ko ari saa....., kandi ko nt'abantu baje gutora bakiri ku murongo,

Dushoje itora ryaberaga ku biro by'itora.

Amazina n'umukono bya Perezida w'ibiro by'itora:

**Bibonye kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Amabwiriza N° 03/2013 ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yo ku wa 23/07/2013 yerekeye amatora y'Abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite ateganyijwe muri Nzeri 2013.**

(sé)

**Prof. Kalisa Mbanda**  
**Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora**



REPUBLIKA Y'U RWANDA



KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

B.P. 6449 KIGALI

Tél. 0252 597800/0252 597801/0252 597802

Fax : 0252 597851

E-mail : [comelena@rwanda1.com](mailto:comelena@rwanda1.com)

Website : [www.nec.gov.rw](http://www.nec.gov.rw)

**UMUGEREKA WA VI: INYANDIKOMVUGO ISUBIKA IBARURA RY'AMAJWI MU CYUMBA CY'ITORA CYANGWA MU BIRO BY'ITORA**

Umujiyi wa Kigali Intara ya/.....

Akarere ka.....

Umurenge wa.....

Ibiro by'itora bya.....

Icyumba cy'itora cya.....

Umwaka wa.....ukwezi kwa....., umunsi wa.....,

Twebwe....., Perezida w'ibiro by'itora n°.....

Tumaze kubona ko kubarura amajwi bidashora gukomeza kubera impamvu zikurikira:

.....  
.....  
Tumaze kubisaba no kubiherwa uburenganzira na Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora,  
Dusubitse ibarura ry'amajwi mu cyumba cy'itora n°/ ku biro by'itora n° kugira ngo rikomeze  
saa...../kuwa.....

**Amazina n'umukono by'abayobora amatora**

1. .....(Perezida w'ibiro by'itora);
2. .....( umuhuzabikorwa w'icyuma cy'itora);
3. .....(umuseseri);
4. .....(umuseseri);
5. .....(umuseseri);

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugerekwa w'Amabwiriza N° 03/2013 ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yo ku wa 23/07/2013 yerekeye amatora y'Abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite ateganyijwe muri Nzeri 2013.**

(sé)

**Prof. Kalisa Mbanda**  
**Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora**



**REPUBLIKA Y'U RWANDA**

**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

B.P. 6449 KIGALI

Tél. 0252 597800/0252 597801/0252 597802

Fax : 0252 597851

